Article 87: Exclusion d'une personne qui trouble l'ordre des travaux du Conseil

Article 88: Affichage des dispositions relatives à l'inviolabilité du Conseil

CHAPITRE XI: DISPOSITIONS DIVERSES

Article 89: Comportement du Président du Conseil lors des débats

Article 90: Fin de la suspension d'un Conseiller

Article 91: Participation aux réunions

Article 92: Indemnités allouées à un conseiller de l'entité administrative dotée de la personnalité juridique envoyé en mission de travail

CHAPITRE XII: DISPOSITIONS FINALES

Article 93: Disposition abrogatoire

Article 94: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N°002/07.01 RYO KU WA 02/07/2015 RIGENA AMATEGEKO NGENGAMIKORERE Y'INAMA NJYANAMA Y'INZEGO Z'IMITEGEKERE Y'IGIHUGU ZEGEREJWE ABATURAGE.

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo, iya 120, iya 121 n'ya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 34;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 13/02/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama y'inzego z'imitegekere

MINISTERIAL ORDER N°002/07.01 OF 02/07/2015 INSTITUTING THE INTERNAL RULES AND REGULATIONS THE COUNCIL OF DECENTRALISED ADMINISTRATIVE ENTITIES

The Minister of Local Government;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 87/2013 of 11/09/2013 determining the organization and functioning of decentralized administrative entities, especially in article 34;

After consideration and approval by the Cabinet meeting in its session of 13/02/2015;

HEREBY ORDERS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

This Order determines the internal rules and regulations governing the Council of the

ARRETE MINISTERIEL N° 002/07.01 DU 02/07/2015 PORTANT REGLEMENT D'ORDRE INTERIEUR DU CONSEIL DES ENTITES ADMINISTRATIVES DECENTRALISEES

Le Ministre de l'Administration Locale ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Vu la Loi n° 87/2013 de la 11/09/2013 portante organisation et fonctionnement des entités administratives décentralisées, spécialement en son article 34 ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 13/02/2015;

ARRETE:

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Article premier : Objet du présent arrêté

Le présent arrêté porte règlement d'ordre intérieur du Conseil des entités administratives

y'Igihugu zikurikira:

- 1° Umujyi wa Kigali;
- 2° Akarere ;
- 3° Umurenge ;
- 4° Akagari.

UMUTWE WA II: ITORWA N'IRAHIRA RY'ABAJYANAMA

Ingingo ya 2: Itorwa ry'Abajyanama

Abagize Inama Njyanama batorwa hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko rigenga amatora.

Icyakora, hari n'Abajyanama bajya mu Nama Njyanama hashingiwe ku nshingano bafite mu nzego zihariye zishyirwaho n'itegeko cyangwa bagenwa n'Itegeko.

Manda y'abajyanama bajya mu Nama Njyanama kubera inzego zihariye barimo irangira iyo uwo mujyanama atakiri kuri uwo myanya. icyo gihe umujyanama asimburwa n'uwamusimbuye kuri uwo mwanya mu nzego zihariye.

Ingingo ya 3: Indahiro y'abagize Inama Njyanama

Mbere yo gutangira imirimo yabo, abagize Inama Njyanama barahira indahiro iteganyijwe n'ingingo ya 61 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena

following administrative entities:

- 1° City of Kigali;
- 2° District;
- 3° Sector;
- 4° Cell.

CHAPTER II: ELECTIONS AND SWEARING IN OF COUNCILLORS

Article 2: Election of Councillors

Members of the Council are elected in accordance with the provisions of the Law governing elections.

However, certain Councillors become members of the Council depending on the responsibilities they have in special organs or established by the Law.

The mandate of the Councillors who attend the Council due to their membership in special organs ends when the Councillor no longer occupies the position. In this case, the councillor shall be replaced by the person who replaces him or her in the special organs.

Article 3: Oath of members of members of Councils

Before starting their functions, members of the elected Councils shall take oath provided for by Article 61 of the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as

suyivantes :

- 1° Ville de Kigali;
- 2° District ;
- 3° Conseil de Secteur ;
- 4° Conseil de Cellulee.

CHAPITRE II: ELECTION ET PRESTATION DE SERMENT PAR LES CONSEILLERS

Article 2: Election des Conseillers

Les membres du Conseil sont élus conformément aux dispositions de la loi portant organisation des élections.

Toutefois, certains Conseillers deviennent membres du Conseil selon la loi ou sur base de leurs attributions dans les organes particuliers établis par la loi.

Le mandat des Conseillers devenus membres du Conseil en raison de leur appartenance aux organes particuliers prend fin quand le Conseiller n'occupe plus ce poste. Dans ce cas, ils sont remplacés par la personne qui occupe ce poste dans des organes particuliers.

Article 3: Serment des membres des Conseils

Avant d'entrer en fonction, les membres des conseils élus prêtent le serment prévu à l'article 61 de la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003 telle que révisée à ce

2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu.

amended to date.

jour.

Ingingo ya 4: Irahira ry'Abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali

Mbere yo gutangira imirimo yabo, abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali barahirira imbere y'abaturage n'Urukiko Rukuru. Umuhango wo kurahira uyoborwa na Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze cyangwa undi mu bagize Guverinoma wagenwe na Minisitiri w'Intebe, iyo Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze atashoboye kuboneka.

Article 4: Swearing-in of the councillors of the City of Kigali Council

Before starting their functions, members of the City of Kigali Council shall take oath in public and before the High Court. The swearing-in ceremony shall be presided over by the Minister in charge of local government or by any member of the Cabinet designated by the Prime Minister in case the Minister in charge of local government is absent.

Article 4: Prestation de serment des membres du Conseil de la Ville de Kigali

Avant d'entrer en fonction, les membres du Conseil de la Ville de Kigali prêtent serment devant la population et la Haute Cour. La cérémonie de prestation de serment est présidée par le Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions ou par un membre du Gouvernement désigné à cet effet par le Premier Ministre en l'absence du Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions.

Ingingo ya 5: Irahira ry'Abagize Inama Njyanama y'Akarere ko mu Mujyi wa Kigali

Mbere yo gutangira imirimo yabo, abagize Inama Njyanama y'Akarere ko mu Mujyi wa Kigali barahirira imbere y'Abaturage n'Urukiko Rwisumbuye rw'ifasi ako Karere karimo. Umuhango wo kurahira uyoborwa na Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze cyangwa undi yabihereye ububasha mu nyandiko na Minisitiri.

Article 5: Swearing-in of the members of a District Council in the City of Kigali

Before starting their functions, members of a District Council of the City of Kigali shall take oath in public and the Intermediate Court in which the District is located. The swearing-in ceremony shall be presided over by the Minister in charge of local government or any other official delegated by him or her in writing.

Article 5: Prestation de serment des membres du Conseil de District de la Ville de Kigali

Avant d'entrer en fonction, les membres du Conseil du District de la Ville de Kigali prêtent serment devant la population et le Tribunal de Grande Instance opérant dans le District. La cérémonie de prestation de serment est présidée par le Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions ou tout fonctionnaire délégué par lui et par écrit.

Ingingo ya 6: Irahira ry'abagize Inama Njyanama y'Akarere ko mu Ntara

Mbere yo gutangira imirimo yabo, abagize Inama Njyanama y'Akarere ko mu Ntara barahirira imbere y'Abaturage n'Urukiko

Article 6: Swearing-in of councillors of the Council of a District of the Province

Before starting their functions, members of the Council of a District of the Province shall take oath in public and before the Intermediate

Article 6: Prestation de serment des membres du Conseil de District de la Province

Avant d'entrer en fonction, les membres du Conseil de District de la Province prêtent serment devant la population et le Tribunal de

Official Gazette n°29 of 20/07/2015

Rwisumbuye rw'ifasi ako Karere karimo.

Umuhango wo kurahira uyoborwa na Guverineri w'Intara ako Karere karimo cyangwa uwo yabihereye ububasha mu nyandiko.

Ingingo ya 7: Irahira ry'abagize Inama Njyanama y'Umurenge

Mbere yo gutangira imirimo batorewe, abagize Inama Njyanama y'Umurenge barahirira imbere y'Abaturage n'Umuyobozi w'Akarere uwo Murenge uherereyemo cyangwa uwo yabihereye ububasha mu nyandiko.

Ingingo ya 8: Irahira ry'abagize Inama Njyanama y'Akagari

Mbere yo gutangira imirimo batorewe, abagize Inama Njyanama y'Akagari barahirira imbere y'Abaturage n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge, ako Kagari karimo.

UMUTWE WA III : IMIKORERE Y'INAMA NJYANAMA

Ingingo ya 9: Kujya mu nama z'Inama Njyanama

Kujya mu nama z'Inama Njyanama ni itegeko ku bagize Inama Njyanama keretse iyo hari impamvu igaragara imubuza kuyijyamo kandi yabimenyesheje Umuyobozi w'inama mbere y'uko itangira.

Court in which the District is located.

The swearing-in ceremony shall be presided over by the Governor of the Province in which the District is located or by any official delegated by him or her in writing.

Article 7: Swearing-in of the councillors of the Sector Council

Before starting their functions, members of the Sector Council shall take oath in public and before the District Mayor in which the Sector is located or any official delegated by him or her in writing.

Article 8: Swearing-in of the councillors of the Cell Council

Before starting their functions, members of the Cell Council shall take oath in public and before the Executive Secretary of the Sector in which the Cell is located.

CHAPTER III: FUNCTIONING OF THE COUNCIL

Article 9: Attending Council meetings

Attending Council meetings is mandatory for each member of the Council unless there is a justifiable reason preventing him or her from attending and brought to the knowledge of the Council Chairperson in advance.

Grande Instance opérant dans le District.

La cérémonie de prestation de serment est présidée par le Gouverneur de la Province dans laquelle est situé le District ou par un fonctionnaire délégué par lui et par écrit.

Article 7: Prestation de serment des membres du Conseil de Secteur

Avant d'entrer en fonction, les membres du Conseil de Secteur prêtent serment devant la population et le Maire de District dans lequel le Secteur est situé ou tout autre fonctionnaire délégué par lui et par écrit.

Article 8: Prestation de serment des membres du conseil de Cellule

Avant d'entrer en fonction, les membres du Conseil de Cellule prêtent serment devant la population et le Secrétaire Exécutif du Secteur dans lequel la Cellule est située.

CHAPITRE III: FONCTIONNEMENT DU CONSEIL

Article 9: Participation aux réunions du Conseil

A l'exception du motif valable notifié au Président de la réunion avant sa tenue, la participation aux réunions du Conseil est obligatoire pour tous les membres du Conseil.

Ingingo ya 10: Kumenyekanisha iterana ry’Inama Njyanama

Inama Njyanama igena itariki y’inama z’Inama Njyanama kandi inama zikamenyeshwa aba bakurikira:

- 1° Minisitiri ufite ubutegetsi bw’Igihugu mu nshingano iyo Inama Njyanama ari iy’Umujyi wa Kigali;
- 2° Guverineri w’Intara iyo ari Inama Njyanama y’Akarere ko mu Ntara;
- 3° umuyobozi w’Umujyi wa Kigali iyo ari Inama Njyanama y’Akarere ko mu Mujyi wa Kigali;
- 4° umuyobozi w’Akarere iyo ari Inama Njyanama y’Umurenge w’ako Karere;
- 5° umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge iyo ari Inama Njyanama y’Akagari k’uwo uwo Murenge.

Ingingo ya 11: Ubuyobozi bw’Inama

Umuyobozi w’Inama Njyanama n’Umwungirije ntibashobora kugira rimwe mu butumwa cyangwa mu yindi mirimo ibabuza kuyobora imirimo y’Inama Njyanama yatumijwe.

Article 10: Notification of the Council meeting

The Council shall determine the date on which Council meetings are convened and the meetings shall be notified to the following persons:

- 1° the Minister in charge of local government if it is the Council of the City of Kigali;
- 2° the Governor of the Province if it is the Council of a District of the Province;
- 3° the Mayor of the City of Kigali if it is the Council of a District of the City of Kigali;
- 4° the Mayor of the District if it is the Council of a Sector of the District;
- 5° the Executive Secretary of the Sector if it is the Council of a Cell of the Sector.

Article 11: Chairing the Council

The Chairperson of the Council and his or her deputy shall not go on official mission or attend to other duties at the same time that prevent them from chairing a convened Council meeting.

Article 10: Notification des réunions du Conseil

La date de la tenue de la réunion est arrêtée par le Conseil mais elle est notifiée aux personnes suivantes :

- 1° le Ministre ayant l’administration locale dans ses attributions si le Conseil est celui de la Ville de Kigali;
- 2° le Gouverneur si le Conseil est celui d’un District de la Province ;
- 3° le Maire de la Ville de Kigali si le Conseil de District est celui d’un District de la Ville de Kigali;
- 4° le Maire de District si le Conseil de Secteur est celui d’un Secteur dudit District;
- 5° le Secrétaire Exécutif de Secteur si le Conseil de la Cellule est celui d’une Cellule dudit Secteur.

Article 11: Présidence du Conseil

Le Président du Conseil et son Vice-Président ne peuvent pas aller en mission en même temps ou vaquer à d’autres activités leur empêchant de diriger une réunion du Conseil convoquée.

Ingingo ya 12: Gusinya kuri lisiti

Muri buri nama, Abajyanama basinya ku ilisiti igaragaza abaje. Mbere y'uko inama itangira, Umuyobozi w'inama y'Inama Njyanama atangaza umubare w'Abajyanama bahari kugira ngo harebwe ko umubare wa ngombwa ugenwa n'amategeko wabonetse kugira ngo inama iterane.

Ingingo ya 13: Ibyicaro by'Abajyanama

Abajyanama bahabwa ibyicaro hakurikijwe ubukurikirane bw'inyuguti zitangira amazina bwite yabo.

Ingingo ya 14: Guterana kw'inama mu muhezo

Iyo byemejwe ko Inama Njyanama iteranamu muhezo, icyo cyemezo kigomba gutangarizwa abaturage mu nyandiko imanikwa ku nzugi y'icyumba Inama Njyanama ikoreramo. Icyemezo kandi gishobora gutangazwa no ku bundi buryo bwihuse bwatuma bimenyekana vuba.

Ingingo ya 15: Isubikwa ry'inama

Iyo habonetse impamvu ituma inama iteganyijwe idaterana, Umuyobozi w'Inama Njyanama abimenyesha abagize Inama

Article 12: Signing on the attendance list

Councillors shall sign on the attendance list for each session. Before the meeting starts, the Chairperson of the Council shall announce the number of Councillors present in order to verify whether the quorum required by the Law for the Council to sit is obtained.

Article 13: Seats of Councillors

Councillors shall be given seats in accordance with the alphabetical order of the first letters of their surnames.

Article 14: Council meetings in camera

If the Council decides that it holds its meetings in camera, such a decision must be notified to the public in writing and displayed on the doors of the Council offices. It may also be published through other quick means to facilitate fast dissemination.

Article 15: Adjournment of the Council meeting

In case there is a reason to postpone a convened meeting, the President of Council shall inform the members in advance by use of

Article 12: Signature sur la liste des présences

Pour chaque séance, les Conseillers signent sur la liste des présences. Avant que la réunion ne commence, le Président du Conseil annonce le nombre de Conseillers présents pour voir si le quorum exigé par la loi est atteint pour que le Conseil puisse siéger.

Article 13: Sièges des Conseillers

Les sièges des Conseillers leurs sont attribués par ordre alphabétique de leurs noms propres.

Article 14: Réunions du Conseil à huis clos

S'il est décidé que le Conseil tient sa séance à huis clos, ladite décision doit être portée à la connaissance du public par un écrit affiché sur les portes de la salle de réunion du Conseil. Elle peut être également publiée par tout autre moyen rapide pour en faciliter la dissémination.

Article 15: Ajournement de la réunion du Conseil

Lorsqu'il survient un motif qui empêche la tenue de la réunion prévue, le Président du Conseil en notifie rapidement aux membres du

Official Gazette n°29 of 20/07/2015

Njyanama mbere kandi vuba, hakoreshejwe uburyo bwo kumenyekanisha bushoboka kandi bukwiye.

Ingingo ya 16: Kumenyekanisha itariki n'igihe cy'inama y'Inama Njyanama itaha

Iyo Inama Njyanama imaze gusuzuma no gufata umwanzuro ku byari biteganijwe ku murungo w'ibyigwa, Umuyobozi w'inama y'Inama Njyanama amenyeshya abagize Inama Njyanama umunsi n'isaha inama ikurikira izabera.

Ingingo ya 17: Kohereza inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama

Nyuma yo kwemezainyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama, Umuyobozi w'inama Njyanama, yoherereza inyandiko mvugo:

- 1° Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano, iyo ari inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali;
- 2° Guverineri w'Intara, iyo ari inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ko mu Ntara;
- 3° umuyobozi w'Umujyi wa Kigali iyo ari inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ko mu Mujyi wa Kigali;
- 4° umuyobozi w'Akarere iyo ari

the fastest and appropriate means of communication.

Article 16: Announcement of the date and time of the next Council meeting

After the Council has examined the items on the agenda, the Chairperson of the Council meeting shall communicate to the members of the Council the date and time of the next Council meeting.

Article 17: Submission of the minutes of the Council meeting

The Chairperson of the Council shall, after the approval of the minutes of the Council meeting submit the minutes to:

- 1° the Minister in charge of local government if it is the minutes of the Council meeting of the City of Kigali;
- 2° the Governor of the Province if it is the minutes of a Council meeting of a District of the Province;
- 3° the Mayor of the City of Kigali if it is the minutes of a Council meeting of a District of City of Kigali District;
- 4° the Mayor of District if it is the

Conseil et dans les meilleurs délais, en utilisant les moyens de communication possibles et appropriés.

Article 16: Notification de la date et de l'heure de la prochaine réunion du Conseil

Après avoir examiné les points à l'ordre du jour et en avoir tiré les décisions, le Président de la réunion du Conseil annonce au Conseil le jour et l'heure de la prochaine réunion.

Article 17: Transmission du procès-verbal de la réunion du Conseil

Après adoption, le procès-verbal de la réunion du Conseil est transmis aux personnes suivantes:

- 1° le Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions si c'est un procès-verbal du Conseil de la Ville de Kigali ;
- 2° le Gouverneur de Province si c'est un procès-verbal d'un Conseil d'un District de cette Province ;
- 3° le Maire de la Ville de Kigali si c'est un procès-verbal d'un Conseil d'un District de la Ville de Kigali ;
- 4° le Maire de District si c'est un procès-

Official Gazette n°29 of 20/07/2015

inyandikomvugo y’Inama Inama Njyanama y’Umurenge uri muri ako Karere;

minutes of a Council meeting of a Sector of the District;

verbal d’un Conseil d’un Secteur de ce District ;

5° umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge iyo ari inyandikomvugo y’inama y’InamaNjyanama y’Akagari kari muri uwo Murenge.

5° the Executive Secretary of the Sector if it is the minutes of a Council meeting a Cell of the Sector;

5° le Secrétaire Exécutif si c’est un procès-verbal d’un Conseil d’une Cellule de ce Secteur ;

Umuyobozi w’Inama Njyanama yoherereza inyandikomvugo umuyobozi ubifitiye ububasha uteganywa mu gika cya mbere cy’iyi ngingo bitarenze iminsi itanu (5) y’akazi ikurikira igihe yemerejweho nawe akabitangira icyemezo cy’iyakira, Umuyobozi Nshingwabikorwa w’urwego bireba akagenerwa kopi.

The President of the Council shall submit the minutes to the competent authority provided for in point 1° of this Article within five (5) working days from the date of their approval and with acknowledgment of receipt and reserve a copy to the executive authority of the concerned organ.

Le Président du Conseil transmet contre récépissé le procès-verbal à l’autorité compétente prévue à l’alinéa premier du présent article endéans cinq (5) jours ouvrables qui suivent la date de leur adoption, et en réserve une copie à l’autorité de l’organe exécutif concerné.

Umuyobozi wohererejwe inyandikomvugo agomba kugira icyo ayivugaho mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y’akazi kandi Umuyobozi Nshingwabikorwa w’urwego bireba akagenerwa kopi.

The authority to which the minutes are submitted must provide written comments within five (5) working days, and reserve a copy to the executive authority of the concerned organ.

L’autorité à laquelle le procès-verbal a été transmis y émettre son avis endéans cinq (5) jours ouvrables, et en réserve une copie à l’autorité de l’organe exécutif concerné.

Ingingo ya 18: Kwiandikisha kuri lisiti

Umujyanama wese ushaka ijamba mu nama z’Inama Njyanama yiyandikisha ku ilisiti yabugenewe.

Article 18: Registration on the list

Any Councillor who intends to intervene in Council meetings shall register on the appropriate list

Article 18: Enregistrement sur la liste

Tout Conseiller qui souhaite prendre la parole se fait inscrire sur la liste prévue à cet effet.

Ingingo ya 19: Gufata ijamba mu nama y’inama njyanama

Umujyanama wese ushaka gufata ijamba mu nama y’Inama Njyanama agomba kubisaba Umuyobozi w’inama. Umuyobozi

Article 19: Taking the floor in the council meeting

Any Councillor who intends to take the floor in the Council meeting shall seek permission from the Chairperson of the meeting.The

Article 19: Prendre la parole dans la réunion du Conseil

Tout Conseiller qui souhaite prendre la parole dans la réunion du Conseil s’adresse au Président de la réunion. Le président accorde

Official Gazette n°29 of 20/07/2015

w'Inamaatanga ijambo hakurikijwe ilisiti yatangajwe.

Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze, undi mu Minisitiri, cyangwa ugize Inteko Ishinga Amategeko witabiriye imirimo y'inama y'Inama Njyanama, cyangwa Abajyanama barebwa ku giti cyabo n'ikibazo cyigwa, bahabwa ijambo iyo barisabye.

Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa Guverineri w'Intara iyo yitabiriye inama y'Inama Njyanama yemerewe gufata ijambo, iyo arisabye, mu nama y'Inama Njyanama y'Akarere kari mu mbizi z'Umujyi wa Kigali cyangwa iz'Intara ayobora iyo arisabye.

Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Guverineri w'Intara cyangwa Umuyobozi w'Akarere iyo yitabiriye inama y'Inama Njyanama, yemerewe gufata ijambo, iyo arisabye, mu nama y'Inama Njyanama y'Umurenge uri mu mbizi z'ifasi bayobora igihe barisabye.

Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Guverineri w'Intara, Umuyobozi w'Akarere cyangwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge, iyo yitabiriye inama y'Inama Njyanama, yemerewe gufata ijambo, iyo arisabye, mu nama y'Inama Njyanama y'Akagari kari mu mbizi z'ifasi bayobora igihe barisabye.

Abayobozi bateganywa mu gika cya 2, icya 3, icya 4, n'icya 5 by'iyi ngingo bagenerwa aho

Chairperson shall authorize interventions by use of the list announced.

The Minister in charge of Local Government, any other Minister, or a member of Parliament who participated in the Council meeting or Councillors whose issues are being debated shall be allowed to speak if they so request.

The Mayor of the City of Kigali or the Governor of the Province who participates in the Council meetings shall be allowed to take the floor upon request in the meeting of the Council of the District within the jurisdiction of the City of Kigali or the Province of which he/she heads.

The Mayor of the City of Kigali, the Governor of the Province or the Mayor of the District who participates to the Council meetings shall be allowed to take the floor, upon request, in the Council meeting of the Sector within the jurisdiction of the constituency they head.

The Mayor of the City of Kigali, the Governor of the Province, the Mayor of the District or the Sector Executive Secretary, who participates to the council meeting is allowed to take the floor, upon request, in the Council meeting of the Cell within the jurisdiction of the constituency he/she heads.

Authorities referred to in Paragraphs 2, 3, 4, and 5 of this Article shall be provided with

la parole conformément à la liste préalablement communiquée.

Le Ministre ayant l'Administration Locale dans ses attributions, tout autre Ministre, ou un Parlementaire qui participe à la réunion, ou les Conseillers personnellement concernés par la question en discussion, prennent la parole s'ils le demandent.

Le Maire de la Ville de Kigali ou le Gouverneur de Province qui participe aux réunions du Conseil, s'il le demande, a le droit à la parole dans la réunion du Conseil du District se trouvant dans les limites territoriales de la Ville de Kigali ou de la Province qu'il administre.

Le Maire de la Ville de Kigali, le Gouverneur de Province ou le Maire de District qui participe aux réunions du Conseil, s'il le demande, a le droit à la parole dans la réunion du Conseil du Secteur se trouvant dans les limites territoriales de la circonscription qu'il administre.

Le Maire de la Ville de Kigali, le Gouverneur de Province, le Maire de District ou le Secrétaire Exécutif de Secteur, qui participe aux réunions du Conseil, s'il le demande, a le droit à la parole dans la réunion du Conseil de la Cellule se trouvant de la circonscription territoriale qu'il administre.

Les sièges particuliers sont réservés aux personnalités prévues aux alinéas 2, 3, 4 et 5 du

Official Gazette n°29 of 20/07/2015

bicara hihariye mu cyumba cy'inama igihe bitabiriye inama y'Inama Njyanama.

Nta wundi muntu wemerewe gufata ijambo uretse abagize Inama Njyanama n'abantu Abayobozi bateganywa mu gika cya 2, icya 3, icya 4, n'icya 5 by'iyi ngingo cyangwa undi wabiherewe uburenganzira n'Umuyobozi w'inama y'Inama Njyanama.

Nyuma ya buri lisiti, Umuyobozi w'inama yerekana ibitekerezo by'ingenzi byagaragajwe n'impaka.

Ingingo ya 20: Umujyanama uhabwa ijambo adateganyijwe kuri lisiti

Umujyanama ashobora guhabwa mosiyo adateganyijwe kuri lisiti ya "mosiyo" incuro imwe ku ngingo, ariko ntarenze umunota umwe (1) kugira ngo:

1° yibutse amategeko;

2° asubize icyo bamuvuzeho;

3° yibutse ko ikibazo yabajije kitashubijwe;

4° asabe ko impaka zihagarara;

5° asabe ko imirimo y'Inama Njyanama isubikwa.

special seats in the meeting room if they attend Council meetings.

No any other person shall take the floor except Council members and authorities referred to in Paragraphs 2, 3, 4, and 5 of this Article or any other person authorized by the Chairperson of the Council meeting.

After every list, the Chairperson of the meeting shall summarise the main ideas that have characterized the debates.

Article 20: Councillor who is given floor whose name does not appear on the list

A Councillor whose name does not appear on the motion list may take the floor only once for one (1) minute on an item to:

1° remind existing laws;

2° respond to questions directed at him or her;

3° remind that the question he/she asked was not responded to;

4° request that discussions stop;

5° request for the adjournment of the Council.

présent article quand ils participent aux réunions du Conseil.

Aucune autre personne ne peut prendre la parole à l'exception des membres du Conseil, des personnalités prévues aux alinéas 2, 3,4 et 5 du présent article ou toute autre personne ayant l'autorisation du Président de la réunion du Conseil.

Après chaque liste, le Président de la réunion fait la synthèse des idées maîtresses qui ont caractérisé les débats.

Article 20: Intervention par un Conseiller dont le nom ne figure pas sur la liste de motion

Un Conseiller ne figurant pas sur la liste de motion des orateurs peut obtenir, une fois, la parole pour une motion d'ordre n'excédant pas une (1) minute par sujet pour :

1° un rappel à la loi ;

2° répondre à un fait personnel ;

3° rappeler que sa question n'a pas reçu de réponse ;

4° demander la clôture des débats ;

5° demander l'ajournement de la réunion du Conseil.

Ubusabe buteganywa mu gace ka 4 n'aka 5

The request provided for in points 4° and 5 of

Les requêtes prévues aux points 4° et 5° de

Official Gazette n°29 of 20/07/2015

bw'igika cya mbere cy'iyi ngingo, bwemezwa n'Inama Njyanama hakurikijwe bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi y'Abajyanama bitabiriye inama.

Mu gihe ubusabe bw'Umujyanama ko impaka zihagarara bwemejwe n'Inama Njyanama, abajyanama bari babajije ibibazo babanza gusubizwa mbere yo gusoza impaka cyangwa gusoza inama ku kibazo cyigwaga.

Ingingo ya 21: Umwanya ufashe ijambo avugiramo n'uwo abwira ijambo

Umuntu uhawe ijambo avugira mu mwanya we iyo bishoboka keretse byagenwe ukundi.

Ufashe ijambo wese abinyuza ku muyobozi w'inama y'Inama Njyanama cyangwa Inama Njyanama muri rusange.

Ingingo ya 22: Ibibujijwe gukorwa mu nama

Gusarikana, gushyogozanya, gusahinda cyangwa kurogoyana mu nama birabujijwe.

Ingingo ya 23: Imyitwarire mu gihe cy'inama

Nta ushobora guca ufite ijambo mu ijambo, keretse Umuyobozi w'inama na bwo yibutsa ibyo amategeko, amateka cyangwa amabwiriza

Paragraph One of this Article shall be approved by a two-thirds (2/3) majority of votes of the Council members present.

If the Council approves a Councillor's request to stop the Council's discussions, the councillors who had presented questions shall be answered before the discussions or council meeting on the topic under discussion stops.

Article 21: Speakers' position and the addressee

Any person who is given the floor to speak shall do so while staying in his or her position if possible unless it is determined otherwise.

Any person who takes the floor shall always address his or her speech through the Chairperson of the meeting or the Council in general.

Article 22: Prohibitions in the meeting

Use of abusive language, insults, making fuss or interrupting debates during Council meetings is prohibited.

Article 23: Conduct during the Council meeting

No person shall interrupt a speaker except the Chairperson of the meeting who only does so when reminding the speaker about laws, orders

l'alinéa premier du présent article sont approuvées à la majorité de deux tiers (2/3) des Conseillers présents à la réunion.

Lorsque, sur demande d'un Conseiller, le Conseil décide de l'arrêt des débats, les Conseillers qui ont posé des questions reçoivent les réponses avant la clôture des débats ou celle de la question sous examen.

Article 21: Emplacement de l'orateur et du destinataire du message

Lorsqu'il prend la parole, l'orateur se tient à la place prévue à cet effet si possible à moins qu'il ne soit prévu autrement.

Tout intervenant ne peut s'adresser qu'au Président de la réunion ou au Conseil en général.

Article 22: Interdictions dans le Conseil

Tout propos blessant, toute intervention troublant l'ordre et tout acte visant à empêcher un orateur de s'exprimer sont interdits.

Article 23: Comportements à être adoptés pendant le Conseil

Nul ne peut être interrompu lorsqu'il parle, si ce n'est que par le Président de la réunion pour un rappel des dispositions légales,

Official Gazette n°29 of 20/07/2015

agenga imikorere y’Inama Njyanama ateganya.

Iyo uvuga atandukiriye cyangwa asubiye mu byavuzwe, Umuyobozi w’inama niwe wenyine ufite ububasha bwo kumuhagarika no kumugarura ku bibazo byigwa.

Iyo uvuga amaze kwibutswa kabiri, agakomeza gutandukira cyangwa gusubira mu byavuzwe, Umuyobozi w’inama amwaka ijamba mu gihe cyose Inama Njyanama ikiga icyo kibazo.

Umujyanama ntaryozwa ibyo yavugiye mu nama z’Inama Njyanama keretse ibihanwa n’amategeko.

Ingingo ya 24: Umujyanama utagishoboye gufata ijamba ku kibazo

Umujyanama ufite icyo akosora kidateganyijwe mu ngingo ya 20 y’iri teka ariko atagishoboye kwiyandikisha kuri lisiti y’abagomba gufata ijamba, yandikira Umuyobozi w’inama y’Inama Njyanama akagera kopi uhagarariye Komisiyo yize ikibazo cyangwa n’umwe mu Bajyanama bari kuri lisiti batarafata ijamba, asaba kugikosora.

Umuyobozi w’inama y’Inama Njyanama cyangwa uhagarariye Komisiyo bategetswe kugeza ku Nama Njyanama icyifuzo cy’uwo Mujyanama bakibona urwandiko rwe.

or regulations governing the functioning of the Council.

If the speaker becomes irrelevant or is repeatious, it is only the Chairperson of the meeting who has powers to stop him/her and to remind the speaker of the topic under consideration.

If the speaker is reminded twice and he/she continues to be irrelevant or repeatitious, the Chairperson of the meeting shall deny him/her the floor for all the time the Council is examining that item.

A Councillor shall not be held accountable for what is debated in the Council meeting of except what is punishable by the Law.

Article 24: A Councillor who is unable to take the floor on an issue

A Councilor who intends to make correction which is not provided for in Article 20 of this Order but who is unable to register on the list of potential speakers, shall write to the Chairperson of the Council meeting, and reserves a copy to the representative of the Commission which examined the question and one of the Councillors on the list who has not spoken, requesting that correction be made.

The Chairperson of the Council meeting or the representative of the Commission must immediately submit to the Council the Councillor’s wish immediately after reception

règlementaires ou des instructions relatives au fonctionnement du Conseil.

Si un orateur s’écarte du sujet des débats ou s’il répète ce qui a été déjà dit, le Président de la reunion est le seul habilité à l’interrompre et à le ramener à la question en discussion.

Si, après un deuxième rappel, le même orateur continue à s’écarter de la question en discussion ou à répéter ce qui a été déjà dit, le Président de la réunion lui retire la parole pendant la durée que le Conseil consacre au débat sur la question.

Un conseiller ne peut être poursuivi pour des opinions qu’il a émises pendant les réunions du Conseil, sauf les cas punis par la loi.

Article 24: Conseiller ne pouvant plus s’exprimer au sujet d’une question

Tout Conseiller se trouvant dans l’impossibilité de se faire inscrire sur la liste des orateurs alors qu’il veut corriger un fait conformément à l’article 20 du présent arrêté, demande par écrit au Président de la réunion du Conseil, au représentant de la Commission ayant traité le sujet ou à l’un des Conseillers inscrits sur la liste des orateurs qui n’a pas encore pris la parole, de faire cette correction.

Le Président de la réunion du Conseil ou le représentant de la Commission sont tenus d’en informer le Conseil dès réception d’une telle demande.

of his/her letter.

Ingingo ya 25: Guhindura ibiri ku murongo w'ibyigwa n'inama

Ibiri ku murongo w'ibyigwa by'inama bihindurwa iyo kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize Inama Njyanama kibisabye.

Gusaba ko ibiri ku murongo w'ibyigwa n'inama bihindurwa bimenyeshwa Umuyobozi w'inama y'Inama Njyanama mu nyandiko nibura isaha imwe mbere y'uko inama itangira imimiro yayo. Umuyobozi w'inama y'Inama Njyanama asomera abajyanama ibikubiye muri iyo nyandiko. icyemezo gifatwa hakurikijwe ubwiganze burunduye bw'amajwi y'abajyanama bari mu nama.

Iyo gusaba guhindura ibiri ku murongo w'ibyigwa byemewe, Inama Njyanama ni yo igena igihe cyo kwiga ibiri ku murongo w'ibyigwaho.

Ingingo ya 26: Impaka mu nama y'Inama Njyanama

Umuyobozi w'inama y'Inama Njyanama yerekana aho impaka z'inama zigeze, akanahagarika inama iyo abasabye ijambo bose barangije kuvuga.

Umuyobozi w'inama y'Inama Njyanama cyangwa Umujyanama ashobora gusaba ihagarika ry'impaka iyo abona ko Inama Njyanama yize ibibazo byateganijwe ku

Article 25: Amendment of the agenda of the meeting

Items on the agenda may be amended if a third (1/3) of the members of the Council requests so.

The request for amendment of the items on the agenda of the meeting shall be communicated to the Chairperson of the Council meeting in writing at least one hour before the meeting begins. The Chairperson of the Council meeting shall read out the letter to the Councillors. A decision shall be taken by an absolute majority of votes by Council members present.

If the request to amend the items on the agenda is approved, the Council shall decide when to examine the items.

Article 26: Discussions in the Council meeting

The Chairperson of the Council meeting shall announce the course of Council deliberations and shall conclude the meeting when all who have requested for the floor have spoken.

The Chairperson of the Council meeting or any Councillor may suggest that the discussions stop if he or she believes that the Council has sufficiently covered all the issues on the

Article 25: Modification de l'ordre du jour

Un tiers (1/3) des membres du Conseil peut demander la modification de l'ordre du jour.

Les demandes de modification de l'ordre du jour sont adressées par écrit et une heure avant la réunion au Président de la réunion du Conseil. Celui-ci fait la lecture de ces demandes aux Conseillers. La décision est prise à la majorité absolue des membres du Conseil présents.

Lorsque la demande de modifier l'ordre du jour est acceptée, le Conseil en fixe le moment de son examen.

Article 26: Débats dans la réunion du Conseil

Le Président de la réunion du Conseil fait le point des débats et les clôt lorsque le Conseil a entendu tous les orateurs qui ont demandé la parole.

Le Président de la réunion du Conseil ou un Conseiller peut demander la clôture des débats s'il estime que le Conseil a suffisamment débattu de la question et cette demande est

Official Gazette n°29 of 20/07/2015

murongo w'ibigwa ku buryo buhagije, kandi iryo hagarika ry'impaka rikemezwa n'Inama Njyanama.

Ingingo ya 27: Umuyobozi w'Inama Njyanama wungirije mu kuyobora inama

Uwungirije Umuyobozi w'Inama Njyanama amwunganira kandi akamusimbura mu gihe hari impamvu imubuza kuyobora Inama Njyanama.

Ingingo ya 28: Inshingano z'Umunyamabanga w'Inama Njyanama

Umunyamabanga w'Inama Njyanama ashinzwe ibi bikurikira:

- 1° gukurikirana inyandiko zose zirebana n'imirimo y'Inama Njyanama ;
- 2° kwakira no gukemura ibibazo by'abajyanama ashoboye, ibyo adashoboye akabishyikiriza Biro y'Inama Njyanama kugira ngo bikemurwe. Iyo Biro idashoboye kubikemura, bishyikirizwa Inama Njyanama ikabikemura ;
- 3° gukora buri kwezi inyandiko ivunaguye igaragaza imirimo y'Inama Njyanama yakozwe ;
- 4° gukora lisiti y'Abajyanama bifuzwa

agenda and such a suggestion shall be approved by the Council.

Article 27: The Deputy Chairperson of the Council in chairing the meeting

The Deputy Chairperson of the Council shall assist and replace the Chairperson of the meeting if there is a justifiable reason not to chair the meeting.

Article 28: Duties of the Secretary of the Council

The Secretary of the Council shall have the following duties:

- 1° to be responsible for all documents related to the Council meeting;
- 2° to receive and tackle Councillor's petitions within his or her powers, and to submit those beyond his or her capacity to the Bureau of the Council for resolution. If the Bureau is unable to resolve them, it shall submit them to the Council for resolution;
- 3° to prepare a monthly summarised report indicating the Council activities;
- 4° to draw up a list of councillors who

approuvée par le Conseil.

Article 27: Présidence de la réunion du Conseil par le Vice-président

Le Vice-président du Conseil assiste le Président et le remplace s'il ya des raisons justifiées l'empêchant de présider la réunion du Conseil.

Article 28: Attributions du Secrétaire du Conseil

Le Secrétaire du Conseil a les attributions suivantes:

- 1° faire le suivi de tous les documents relatifs aux activités de la réunion ;
- 2° recevoir les demandes des Conseillers, apporter les réponses à certaines d'entre elles dans les limites de ses capacités et transmettre d'autres demandes au Bureau du Conseil qui y donne la suite. Lorsque le Bureau ne parvient pas à trouver des réponses à ces requêtes, celles-ci sont transmises au Conseil qui y répond ;
- 3° faire le rapport mensuel concis des activités du Conseil ;
- 4° dresser la liste des Conseillers qui

gufata ijambo mu nama z’Inama Njyanama.

5° kwandika mu gitabo cyabugenewe ibyemezo byose Inama Njyanama ifatiye Abajyanama.

wish to speak during Council meetings;

5° to record in an appropriate register all decisions the Council took against Councillors.

souhaitent prendre la parole pendant la réunion du Conseil ;

5° transcrire dans le registre approprié toutes les décisions prises par le Conseil à l’égard des Conseillers.

UMUTWE WA IV: KOMISIYO ZIGIZE INAMA NJYANAMA

CHAPTER IV: COUNCIL COMMISSIONS

CHAPITRE IV: COMMISSIONS DU CONSEIL

Icyiciro cya mbere: Ingingo rusange

Section One: general provisions

Section premiere: Dispositions generales

Ingingo ya 29: Komisiyo z’Inama Njyanama

Article 29: Council Commissions

Article 29: Commissions du Conseil

Mu nama yayo ya mbere, Inama Njyanama yiremamo Komisiyo zihoraho.

In its first meeting, the Council shall constitute permanent commissions among itself.

Lors de sa première réunion, le Conseil crée en son sein des Commissions permanentes.

Komisiyo zihoraho ntizishyirwaho ku rwego rw’Akagari. icyakora, hashobora gushyirwaho Komisiyo cyangwa Komite zidahoraho kandi zigomba gutanga raporo zikirangiza manda yazo.

Permanent commissions shall not be constituted at the Cell level. However, adhoc commissions or committees may be set up and shall submit their reports at the end of their mandate.

Les Commissions permanentes ne sont pas constituées au niveau de la cellule. Toutefois, des commissions ou comités spéciales sont instituées pour traiter une question donnée, et leur mission prend fin après qu’elles aient transmis un rapport.

Icyiciro cya II: Komisiyo zihoraho

Section II: Permanent Commissions

Section II: Commissions permanentes

Ingingo ya 30: Abagize Komisiyo zihoraho

Article 30: Members of permanent Commissions

Article 30: Composition des Commissions permanentes

Abagize Komisiyo zihoraho z’Inama Njyanama bashyirwaho hakurikijwe ibi bikurikira:

Members of permanent Commissions of the Council shall be appointed in respect of the following considerations:

La composition des Commissions permanentes du Conseil est déterminée comme suivant les considerations suivantes:

1° buri Mujyanama yiyandikisha muri Komisiyo imwe gusa;

1° each Councillor shall register only in one Commission;

1° chaque Conseiller se fait inscrire dans une seule Commission ;

2° biro y’Inama Njyanama ni yo igenzura

2° the Bureau of the Council shall cross-

2° le Bureau du Conseil vérifie les

Official Gazette n°29 of 20/07/2015

uko Abajyanama biyanditse;

3° lisiti idakuka y'abagize buri Komisiyo yemezwa n'Inama Njyanama ku bwiganze burunduye bw'amajwi hakurikijwe ibikurikira:

a. ubushake bwa buri Mujyanama mu kwiyangikisha muri Komisiyo;

b. umubare w'abagize Komisiyo;

c. ubushobozi bukenewe muri Komisiyo.

check how the Councillors have registered;

3° the final list of the members of each Commission shall be approved by the Council by an absolute majority of votes on the basis of the following factors:

a. the desire of each Councillor to register in a commission;

b. the number of the members of the Commission;

c. the capacity required for each Commission.

inscriptions des Conseillers ;

3° la composition définitive de chaque Commission est arrêtée par le Conseil, à la majorité absolue, sur base des critères ci-après :

a. le souhait de chaque Conseiller à s'inscrire dans une Commission;

b. le nombre des membres de chaque Commission ;

c. la compétence et l'expérience requises dans la Commission.

Ingingo ya 31: Imiterere ya Komisiyo

Buri Komisiyo igira Biro yayo igizwe na Perezida n'Umwanditsi, batorwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abajyanama bagize buri Komisiyo.

Kugira ngo batorwe, ababyifuza bo muri buri Komisiyo babimenyesha Biro y'Inama Njyanama, ikabimenyesha Inama Njyanama.

Perezida wa buri Komisiyo atorwa ukwe n'Umwanditsi ukwe. Iyo nta mukandida ugize amajwi ya ngombwa, itora risubirwamo rimwe uwo munsu. Mu gihe amajwi ya ngombwa atabonetse ku nshuro ya kabiri, uwo mwanya wongerwa kwiyamamarizwa.

Article 31: Structure of the Commission

Each Commission shall have its own Bureau, composed of the Chairperson and a rapporteur who shall be elected by absolute majority of votes by members of the Commission.

To be eligible for election, aspiring candidates in each Commission shall inform the Bureau of the council of their intention which, in turn, shall inform the Council.

The Chairperson and Rapporteur of each Commission shall each be elected separately. If no candidate obtains the required votes, the election shall be repeated only once that same day. In the event the required votes are not obtained in the second round, that post shall be subject to competition.

Article 31: Structure de la Commission

Chaque Commission est dirigée par un Bureau composé d'un Président et d'un rapporteur, élus à la majorité absolue membres de chaque Commission.

Pour être élus, les membres de la Commission qui le désirent font parvenir leurs candidatures au Bureau du Conseil qui les communique au Conseil.

Le Président et le Rapporteur de chaque Commission sont élus séparément. Lorsque, après vote, aucun candidat n'obtient la majorité requise, on procède à un seul nouveau scrutin le même jour. Lorsque ce nouveau scrutin ne dégage pas de candidat gagnant, le poste est remis en compétition.

Iyo Perezida n'Umwanditsi bafite impamvu ibabura kuyobora Komisiyo, cyangwa bavuye mu myanya yabo burundu bakaba batarasimburwa, Komisiyo iyoborwa n'Umujyanama mukuru mu myaka y'amavuko mu bafite uburambe busumbye ubw'abandi mu kazi k'Ubujiyanama mu bagize Komisiyo bahari, Umujyanama muto mu myaka y'amavuko akaba umwanditsi.

ingingo ya 32: Inshingano za Komisiyo zo gusuzuma ibibazo by'abaturage

Buri Komisiyo ishinze kwakira no gusuzuma ibibazo byagejwe ku Nama Njyanama n'abaturage biyanye n'inshingano za buri Komisiyo.

Ingingo ya 33: Ishyirwaho rya Biro ya Komisiyo

Biro ya Komisiyo itorerwa igihe kingana n'icy'inyaka ibiri n'igice. Biro ya Komisiyo cyangwa umwe mu bayigize bashobora gusimburwa bisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize Komisiyo.

Isimburwa rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ingingo rikorwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30), hakurikijwe ibiteganywa mu ingingo ya 31 y'iri teka.

Perezida wa Komisiyo, cyangwa Umwanditsi iyo Perezida adahari, agomba gutumiza inama

If the Chairperson and Rapporteur have reason not to chair the Commission or their posts are vacant, the Commission shall be headed by the eldest Councillor among those with the longest working experience as Councillors among the members of the Commission present, and the youngest Councillor shall be the rapporteur.

Article 32: Duty of the Commission to examine public petitions

Each Commission is responsible for receiving and examining the petitions submitted to the Council by the population, in relation to the duties assigned to each Commission.

Article 33: Establishment of the Bureau of the Commission

The Bureau of the Commission shall have a mandate of two and a half years. The Bureau of the Commission or one of its members may be replaced upon request by a third (1/3) of all members of the Commission.

The replacement referred to in Paragraph One of this Article shall be done within a period of thirty (30) days in accordance with the provisions of Article 31 of this Order.

The Chairperson of the Commission or the rapporteur in absence of the Chairperson shall,

Lorsque le Président et le Rapporteur sont empêchés ou lorsqu'ils quittent définitivement leurs postes et, s'ils ne sont pas encore remplacés, la Commission est présidée par le Conseiller de la Commission le plus âgé ayant le plus d'ancienneté au Conseil et le Conseiller le moins âgé en est le rapporteur.

Article 32: Attributions de la Commission concernant l'examen des questions de la population

Chaque commission a la mission de recevoir et d'examiner les questions soumises au Conseil par la population, en rapport avec les attributions assignées à chaque commission.

Article 33: Mise en place du Bureau de la Commission

Le Bureau d'une Commission est élu pour un mandat équivalent à deux ans et demi. Le Bureau d'une Commission ou l'un de ses membres peut être remplacé sur demande d'un tiers (1/3) de tous les membres de la Commission.

Le remplacement prévu à l'alinéa premier du présent article a lieu endéans trente (30) jours conformément aux dispositions de l'article 31 du présent arrêté.

Le Président de la Commission ou le Rapporteur en l'absence du Président, doit

Official Gazette n°29 of 20/07/2015

yo kwiga icyo kibazo mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) hakurikijwe uwenda gusimburwa.

Iyo inama idatumijwe mu buryo buteganijwe mu gika cya gatatu (3) cy'iyi ngingo, itumizwa kandi ikayoborwa n'Umujyanama Mukuru mu mavuko mu batanze ikibazo.

Inama za Komisiyo ziterana rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa. Icyakora inama za Komisiyo ntizishobora kurenga ebyiri (2) mu kwezi.

Icyiciro cya III: Komisiyo zidasanzwe

Ingingo ya 34: Gushyiraho Komisiyo zidasanzwe

Bisabwe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama cyangwa n'Abajyanama batanu (5), bikemezwa n'Inama Njyanama, Inama Njyanama ishobora gushyiraho Komisiyo zidasanzwe zigenewe kwiga ibibazo bidasanzwe byagaragaye.

Ingingo ya 35: Gushyiraho abagize Komisiyo zidasanzwe

Biro y'Inama Njyanama ishyikiriza Inama Njyanama abakandida ba Komisiyo zidasanzwe bakemezwa n'Inama Njyanama. Inama Njyanama kandi ishyiraho Perezida

within a period not exceeding fifteen (15) days, convene a meeting to examine the issue of replacement depending on who is to be replaced.

If the meeting is not convened in the procedure referred to in Paragraph three (3) of this Article, the meeting shall be convened and chaired by the eldest Councillor among those who submitted the petition.

The meetings of the commission shall be convened once a month and whenever it is necessary. However, the meetings of the Commission shall not exceed two (2) in a month.

Section III: Adhoc Commissions

Article 34: Establishment of an adhoc Commission

Upon request by the Chairperson of the Council or five (5) Councillors, and on approval by the Council, the Council may establish an adhoc Commissions to examine special problems that may arise.

Article 35: Appointment of members of an adhoc Commission

The Bureau of the Council shall submit candidates for the adhoc Commission who shall be approved by the Council. The Council shall also elect the Chairperson and the

dans un délai n'excédant pas quinze (15) jours, convoquer la réunion consacrée à l'examen du remplacement en fonction de la personne à être remplacée.

Lorsque la réunion n'est pas convoquée suivant la procédure prévue à alinéa trois (3) du présent article, la réunion est convoquée et présidée par le Conseiller le plus âgé parmi les Conseillers qui ont soulevé la question.

La Commission se réunit une fois (1) par mois et chaque fois que de besoin. Toutefois, la Commission ne peut se réunir plus de deux (2) fois par mois.

Section III: Commissions spéciales

Article 34: Mise en place des commissions spéciales

A la demande du Président du Conseil ou de cinq (5) Conseillers et après approbation du Conseil, celui-ci peut constituer des Commissions spéciales pour l'examen des questions particulières survenues.

Article 35: Désignation des membres des Commissions spéciales

Les membres de la Commission Spéciale sont élus par le Conseil parmi les candidats proposés par le Bureau du Conseil. Le Conseil désigne également le Président et le Secrétaire

Official Gazette n°29 of 20/07/2015

n'Umwanditsi b'iyo Komisiyo ibatoranije ku ilisiti y'abakandida babiri batanzwe na Biro kuri buri mwanya.

Ingingo ya 36: Isoza ry'imirimo rya Komisiyo idasanzwe

Imirimo ya buri Komisiyo idasanzwe isoza imirimo yayo iyo itanze raporo y'ibyo yagezeho kandi bigafatirwa umwanzuro n'Inama Njyanama.

UMUTWE WA V: IMIKORERE YA ZA KOMISIYO

Ingingo ya 37: Ingingo y'imari igenewe Komisiyo

Kugira ngo Komisiyo ishobore kugera ku nshingano zayo, ingengo y'imari y'Akarere cyangwa iy'Umujyi wa Kigali ya buri mwaka igaragaza ingengo y'imari y'Inama Njyanama igenewe buri Komisiyo iyifasha kugera ku nshingano zayo.

Mu mafaranga yagenewe Umurenge n'Akagari, hagomba kuba igice kigenewe Inama Njyanama na Komisiyo z'Inama Njyanama y'Umurenge na Komite z'Inama Njyanama y'Akagari.

Ingingo ya 38: Abemerewe gukurikirana imirimo ya Komisiyo

Umujyanama ukurikirana imirimo ya Komisiyo ariko atanditse muri iyo Komisiyo

rappporteur of the Commission from a list of two candidates proposed by the Bureau on each post.

Article 36: Conclusion of duties of an adhoc Commission

The duties of every adhoc Commission shall come to an end after it has submitted a report of its achievements and after the Council has taken decision on it.

CHAPTER V: FUNCTIONING OF THE COMMISSIONS

Article 37: Budget of the Commission

In order for the Commission to fulfil its responsibilities, the District or City of Kigali shall show in its respective annual budget a part of the budget of the Council reserved for each Commission to assist it in discharging its responsibilities.

In the budget allocated to the Sector and the Cell, there must be a part reserved for the Sector Council, its Commissions as well as the Cell Council Committees.

Article 38: Unregistered Councillor who attends the meeting of the Commission.

Any Councillor who attends the meeting of the Commission of which he or she is not a

de cette Commission en les choisissant sur une liste de deux (2) candidats proposés par le Bureau sur chaque poste.

Article 36: Fin de la mission de la Commission spéciale

Les travaux de toute Commission spéciale prennent fin dès qu'elle a présenté le rapport de ses réalisations et que le Conseil y' a statué.

CHAPITRE V: FONCTIONNEMENT DES COMMISSIONS

Article 37: Budget de la Commission

Pour que la Commission s'acquitte de ses responsabilités, le budget annuel de district ou de la Ville de Kigali montre une partie du budget du Conseil alloué à chaque Commission, pour qu'elles puissent remplir ses attributions.

Le budget alloué au Secteur et à la Cellule doit contenir une partie réservée au Conseil du Secteur, ses Commissions ainsi que les Comités du Conseil de la Cellule.

Article 38: Personnes admises à participer aux travaux de la Commission

Un Conseiller participant aux travaux d'une commission dont il n'est pas membre ne

nta nsimburamubyizi cyangwa amafaranga y'urugendo ahabwa keretse gusa iyo yatumiwe n'iyi Komisiyo kugirango atange ibitekerezo cyangwa ibisobanuro ku ngingo iyo ari yo yose iteganijwe ku murongo w'ibygwa.

Ingingo ya 39: Gahunda y'inama ya Komisiyo

Perezida wa Komisiyo cyangwa umwanditsi wayo ategura gahunda y'inama ya Komisiyo bikamenyeshwa Biro y'Inama Njyanama n'Urwego Nshingwabikorwa bireba.

Ingingo ya 40: Aho inama ibera

Umukozi wunganira Inama Njyanama ashinzwe gutegura aho Komisiyo zikorera no kugena ahazajya hashyirwa inyandiko zazo.

Iyo bibaye ngombwa, Biro ya Komisiyo ibyumvikanyeho na Biro y'Inama Njyanama, Komisiyo ishobora guteranira ahandi hatari ku biro by'urwego rw'imitegekere bireba.

Ingingo ya 41: Umubare wemewe kugira ngo Komisiyo iterane

Kugira ngo inama ya Komisiyo iterane hagomba kuboneka nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.

member shall not receive any sitting or travel allowances unless he or she is invited by the Commission in order to provide opinion or clarifications on any of the items on the agenda.

Article 39: Agenda of the meeting of the Commission

The Chairperson of the Commission or the Rapporteur shall prepare the agenda of the meeting of the Commission and shall inform the Bureau of the Council and the Executive Organ concerned.

Article 40: Venue of the meeting

A support staff of the Council shall be responsible for arrangement of the venue of the meeting and where the related documents will be placed.

If necessary and after the Commission Bureau has made consultations with the Council Bureau, the Commission may gather in another place, which is not an office of the administrative entity concerned.

Article 41: Quorum of the meeting of the Commission

The quorum for the Commission to convene a meeting shall be two-thirds (2/3) of its members.

bénéficie pas de jetons de présence ni d'indemnités de transport à moins qu'il soit invité par la Commission dans le but de fournir avis ou précisions sur un ou plusieurs éléments.

Article 39: Ordre du jour de la Commission

L'ordre du jour des réunions d'une Commission est fixé par le Président de la Commission ou son rapporteur qui en informe le Bureau du Conseil ainsi que l'organe exécutif concerné.

Article 40: Lieu des réunions

Un agent du Conseil est chargé de préparer le lieu des réunions de la Commission et celui de classement des documents y relatifs.

En cas de besoin, sur concertation du Bureau de la Commission et le Bureau du Conseil, la réunion de la Commission peut se tenir à tout autre lieu qu'au siège de l'entité administrative concernée.

Article 41: Quorum requis pour que la commission siège

Pour siéger valablement, une Commission doit compter au moins deux tiers (2/3) de ses membres.

Ingingo ya 42: Ifatwa ry'ibyemezo bya Komisiyo

Ibyemezo bya Komisiyo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'Abajyanama bahari bemerewe gutora.

Ingingo ya 43: Gushyiraho amatsinda ya Komisiyo

Komisiyo zishobora gushyiraho amatsinda zikanashyiraho abayagize n'inshingano zayo. Ayo matsinda ashidikiriza raporo Komisiyo yayashyizeho.

Ingingo ya 44: Kujya mu butumwa

Biro ya Komisiyo ishobora kujya mu butumwa cyangwa gukora ingendo shuri mu zindi nzego z'imitegekere y'Igihugu zifite ubuzimagatozi ariko bikamenyeshwa biro y'Inama Njyanama.

Ingingo ya 45: Raporo ya Komisiyo

Komisiyo ishidikiriza Inama Njyanama raporo. Iyo raporo iba igizwe n'inwandiko ivunaguye n'impaka zagiwe n'imyanzuro isobanuye yagezeho.

Ingingo ya 46: Umujyanama wateguye umushinga cyangwa uwatanze ikibazo

Article 42: Decisions of the Commission

Decisions of the Commission shall be by absolute majority votes of the Councillors present allowed to vote.

Article 43: Establishment of sub-Commissions

The Commissions may create sub-Commissions, select their members and determine their attributions. Such sub-Commissions shall report to the Commission that set them up.

Article 44: Going to official mission

The Bureau of Commission may go on mission or conduct study tours in any other legally recognized administrative entities after informing the Council Bureau.

Article 45: Report of the Commission

The Commission shall submit its report to the Council. The report shall consist of a summary of discussions and clear resolutions adopted.

Article 46: A Councillor who prepared draft regulations or who submitted a petition

Article 42: Prises des décisions par la Commission

Les décisions d'une Commission sont prises à la majorité absolue des Conseillers présents et ayant le droit de vote.

Article 43: Mise en place des Sous-commissions

Les Commissions peuvent constituer des sous-commissions dont elles déterminent la composition et la compétence. Ces sous-commissions font rapport à la Commission qui les a créées.

Article 44: Aller en missions

Le Bureau de la Commission peut aller en mission ou faire un voyage d'études dans une autre entité administrative ayant une personnalité juridique avec notification au Bureau du Conseil.

Article 45: Rapport de la Commission

La Commission fait rapport au Conseil. Le rapport contient le compte-rendu des débats et les conclusions motivées.

Article 46: Intervention du Conseiller auteur du projet ou qui a soulevé une question

Umujyanama wateguye umushinga w'amabwiriza, uwifuza gutanga igitekerezo cyangwa ikibazo cyangwa ushaka gutanga ubugororangingo ajya mu nama za Komisiyo zigenewe kubisuzuma. Uwo mujyananama atora gusa iyo ari umwe mu bagize iyo Komisiyo

Ubugororangingo ubwo ari bwo bwose ku mabwiriza, ku gitekerezo cyangwa ku kibazo bwohererezwa Komisiyo ibigenewe mu nyandiko kugira ngo ibusuzume inabufatire umwanzuro ushyikirizwa Inama Njyanama.

Ingingo ya 47: Koherereza igitekerezo Komisiyo

Umujyanama wese afite uburenganzira bwo koherereza Komisiyo igitekerezo cye mu nyandiko ku kibazo Komisiyo isuzuma.

Ingingo ya 48: Kuyobora Komisiyo

Abagize Biro y'Inama Njyanama n'abagize Komite Nyobozi ntibemerewe kuyobora Komisiyo y'Inama Njyanama.

Ingingo ya 49: Igihe inama za Komisiyo zimara

Inama Njyanama niyo igena igihe inama za Komisiyo zihoraho zitangirira ikanagena n'igihe zirangirira. icyakora, iyo hari impamvu zumvikana, amasaha ashobora guhinduka byemejwe n'ubwiganze burunduye bw'amajwi

A Councillor who prepares a draft of regulations, or who intends to submit his or her proposal, a petition or amendments shall attend Commission meetings convened for that respective purpose. The Councillor shall vote only if he or she is one of the members of the Commission.

Any amendments on regulations, proposal or petition shall, in writing, be submitted to the relevant Commission for examination and taking decisions and submitting the latter to Council.

Article 47: Submission of proposal to the Commission

Every Councillor has the right to submit his or her proposal to the Commission, in writing, on any item on the Commission agenda.

Article 48: Chairing the Commission

Members of the Bureau of the Council and Executive Committee are not eligible to chair the Council Commission.

Article 49: Duration of the meetings of the Commission

The Council shall determine when the meetings of permanent commissions start and end. However, in case there are justifications, the duration of the meetings may change upon approval by an absolute majority of votes by

Le Conseiller auteur d'un projet ou qui veut faire un amendement sur une question quelconque assiste aux séances de la Commission chargée de leur examen. Il ne participe au vote que s'il est membre de ladite Commission.

Toute modification aux règlements, aux propositions ou aux questions est transmise par écrit à la Commission compétente qui l'examine et fait des recommandations au Conseil.

Article 47: Envoi de l'avis à la Commission

Tout Conseiller a le droit d'envoyer à la Commission son avis écrit sur une question figurant sur l'ordre du jour de la Commission.

Article 48: Présidence de la Commission

Il n'est pas permis aux membres du Bureau du Conseil et aux membres du Comité Exécutif de présider la Commission du Conseil.

Article 49: Durée des réunions de la Commission

Le Conseil décide du début et de la clôture des réunions des Commissions permanentes. Toutefois, pour une raison valable, les heures peuvent être modifiées à la majorité absolue des membres de la Commission présents.

y'Abajyanama bagize Komisiyo.

Councillors who are members of the Commission.

UMUTWE WA VI: INAMA Y'ABAPEREZIDA

CHAPTER VI: COMMITTEE OF PRESIDENTS

CHAPITRE VI: CONFERENCE DES PRESIDENTS

Ingingo ya 50: Abagize Inama y'Abaperezida

Article 50: Members of the Committee of Presidents

Article 50: Composition de la Conférence des Présidents

Inama y'Abaperezida igizwe n'abagize Biro y'Inama Njyanama n'abagize Biro za Komisiyo zihoraho.

Members of the Bureau of Council and permanent members of Bureau of the Commission shall form the Committee of Presidents.

Les membres du Bureau du Conseil et les membres des Bureaux des Commissions permanentes constituent la Conférence des Présidents.

Ingingo ya 51: Inshingano z'Inama y'Abaperezida

Article 51: Responsibilities of the Committee of Presidents

Article 51: Attributions de la Conférence des Présidents

Inama y'Abaperezida ishinze ibi bikurikira:

Committee of Presidents shall be responsible for the following:

La Conférence des Présidents est chargée de ce qui suit:

1° gutegura gahunda y'imirimo y'Inama Njyanama yemezwa n'Inama Njyanama;

1° preparation of Council agenda to be approved by the Council;

1° élaborer l'ordre du jour des activités du Conseil qui doit être approuvé par ce dernier;

2° kwemeza inyandiko zivunaguye z'Inama y'Abaperezida kugira ngo zigezwe ku Nama y'Abaperezida;

2° approving the minutes of the meeting of the Committee of presidents to be submitted to the Committee of Presidents;

2° approuver les comptes-rendus des réunions de la Conférence des Présidents à soumettre à la Conférence des présidents;

3° kugeza ku Nama Njyanama imyanzuro yihutirwa yafashe mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7), kugira ngo iyemeze;

3° submitting to the Council urgent decisions taken within a period of seven (7) days for approval;

3° soumettre dans un délai n'excédant pas sept (7) jours, au Conseil, les décisions prises dans l'urgence, pour leur approbation ;

4° gufata ibyemezo birebana n'Abajyanama, Inama Njyanama ubwayo na Komisiyo no

4° taking decisions related to Councillors, the Council itself and Commission and submitting them to

4° prendre les décisions relatives aux Conseillers, au Conseil et aux Commissions et les soumettre au

Official Gazette n°29 of 20/07/2015

kubishyikiriza Inama Njyanama kugira ngo ibyemeze.

Ingingo ya 52: Imikorere y'Inama y'Abaperezida

Inama y'Abaperezida iterana rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa.

Abagize Inama y'Abaperezida igihe bateranye mu nama yabo, buri wese ahabwa amafaranga y'insimburamubyizi n'ay'urugendo angana n'ahabwa umujyanama witabiriye inama ya Komisiyo y'Inama Njyanama.

Inama y'Abaperezida itumizwa kandi ikayoborwa n'Umuyobozi w'Inama Njyanama. Umunyamabanga muri Biro y'Inama Njyanama niwe mwanditsi w'Inama y'Abaperezida.

Inama y'Abaperezida ishyikiriza Inama Njyanama raporo y'imirimo mu nyandiko mbere y'uko Inama Njyanama iterana iterana.

Bisabwe mu nyandiko n'Umuyobozi w'Inama Njyanama cyangwa undi Mujyanama, raporo y'imirimo Inama y'Abaperezida igibwaho impaka mu nama z'Inama Njyanama.

the Council for approval.

Article 52: Functioning of the Committee of Presidents

The Committee of Presidents shall hold a meeting once a month and at any time it is considered necessary.

Each member of the Committee of Presidents who attends the meeting of the Committee of presidents shall be entitled to a sitting allowances and transport fees equal to such amount granted to a member who attends the meeting of the Commission of the Council.

The meeting of the Committee of Presidents shall be convened and chaired by the Chairperson of the Council. The Secretary to the Bureau of council shall be its rapporteur.

The Committee of Presidents shall submit a written report on its activities to the Council before the Council convenes.

The Chairperson of the council or any other Councillor may, in writing, request that the report of the report on activities of Committee of Presidents be discussed in the meeting of the Council.

Conseil pour leur approbation.

Article 52: Fonctionnement de la Conférence des Présidents

La Conférence des Présidents se réunit une fois par mois et autant de fois que de besoin.

Les membres de la Conférence des Présidents présents à la réunion de la Conférence bénéficient chacun de jétons de présence et indemnités de transport équivalent à ceux alloués à un membre présent à la réunion de la Commission du Conseil.

La Conférence des Présidents est convoquée et présidée par le Président du Conseil. Le Secrétaire du Bureau du Conseil en est le Rapporteur

La Conférence des Présidents fait un rapport écrit de ses activités au Conseil avant que le Conseil ne se réunisse.

Le rapport des activités de la Conférence des Présidents fait l'objet des débats aux réunions du Conseil sur demande écrite de son Président ou de tout autre conseiller.

UMUTWE WA VII: INAMA Z'INAMA NJYANAMA

Icyiciro cya mbere: Inama zisanzwe n'inama zidasanzwe

Ingingo ya 53: Iterana ry'inama z'Inama Njyanama zisanzwe

Inama isanzwe y'Inama Njyanama iteranira ku biro by'urwego rw'imitegekere y'Igihugu bireba cyangwa ahandi mu ifasi yarwo byemejwe na biro y'Inama Njyanama.

Ingingo ya 54: Ubutumire bw'Abajyanama mu nama zisanzwe

Umuyobozi w'Inama Njyanama atumira Abajyanama b'inama Njyanama mu nama zisanzwe akoresheje ibaruwa ikubiyemo gahunda y'inama iminsi irindwi (7) y'akazi mbere y'uko inama iterana. Ibaruwa itumira abajyanama mu nama iboherezwa aho Abajyanama bakorera cyangwa aho batuye.

Ingingo ya 55: Ubutumire bw'abajyanama mu nama idasanzwe

Abajyanama bahamagarwa mu nama zidasanzwe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama akoresheje uburyo bwose bwihuta kandi bushobotse uwatumiwe akagaragaza ko yabonye ubutumire.

CHAPTER VII: COUNCIL MEETINGS

Section One: Ordinary and extraordinary meetings

Article 53: Convening the ordinary meetings of the Council

The ordinary meeting of the Council shall be held in the office of the administrative entity concerned or any other place in its constituency approved by the Council Bureau

Article 54: Invitation of the Concillors in ordinary meetings

The Chairperson of the Council shall, through a letter which contains the agenda of the meeting, invite members of the Council to ordinary meetings at least seven (7) days before the meeting is held. The invitation letter shall be sent to their respective places of work or their residence.

Article 55: Invitation of Councillors to an extraordinary meeting

The Chairperson of the council shall invite Councillors to an extraordinary meeting of the Council by use of the fastest means possible with acknowledgement of receipt.

CHAPITRE VII: REUNIONS DU CONSEIL

Section première: Réunions ordinaires et réunions extraordinaires

Article 53: Convocation des réunions ordinaires du Conseil

La réunion ordinaire du Conseil se réunit au bureau de l'entité administrative concernée ou à tout autre endroit se trouvant dans sa circonscription territoriale, approuvée par le Bureau du Conseil.

Article 54: Invitation des Conseillers aux réunions ordinaires

Le Président du Conseil convoque les Conseillers en réunion ordinaire par une lettre écrite indiquant les points inscrits à l'ordre du jour au moins sept (7) jours avant la tenue de la réunion. La lettre d'invitation est envoyée aux lieux de service ou de résidence des Conseillers.

Article 55: Convocation des Conseillers a la reunion extraordinaire

Les Conseillers sont convoqués en réunion extraordinaire par le Président du Conseil par les moyens les plus rapides possibles avec accusé de réception.

Icyiciro cya II: Amatora

Ingingo ya 56: Uburyo bukoreshwa mu ifatwa ry'ibyemezo

Inama Njyanama ifata ibyemezo byayo ikoresheje amatora.

Mbere yo gutora, Umuyobozi w'Inama Njyanama atangaza umubare w'Abajyanama bahari ashingiye ku bashyize umukono ku ilisiti y'abaje mu nama.

Gutora bikorwa hakoreshejwe bumwe mu buryo bukurikira:

- 1° ubwumvikane busesuye;
- 2° gushyira ukuboko hejuru;
- 3° guhamagara umuntu mu izina rye;
- 4° kwandika mu ibanga.

Ingingo ya 57: Ubwumvikane busesuye no gushyira ukuboko hejuru

Uburyo bw'ubwumvikane busesuye no gushyira ukuboko hejuru ni bwo buryo bwonyine bukoreshwa iyo Inama Njyanama ijya impaka ku bindi bitari amabwiriza.

Ingingo ya 58 : Gutora mu ibanga

Section II: Elections

Article 56: Modalities of adoption of resolutions

The Council shall take its resolutions through elections.

Before elections, the Chairperson of the council shall announce the number of Councillors present basing on those who signed on the attendance list.

Elections shall be conducted by use of one of the following methods:

- 1° consensus;
- 2° show of hand;
- 3° calling and individual by name;
- 4° secret ballot

Article 57: Consensus and show of hand

Consensus and show of hand shall be the only election methods used by the Council while it is in debates of other issues except instructions.

Article 58: Secret ballot

Section II: Votes

Article 56: Modalités de prise de décisions

Le Conseil exprime ses décisions par voie de vote.

Avant de procéder au vote, le Président du Conseil annonce le nombre de Conseillers présents sur base des signatures sur la liste des présences.

Le vote est effectué à travers l'un des modes ci-après :

- 1° le consensus ;
- 2° la main levée ;
- 3° l'appel nominal ;
- 4° le scrutin secret.

Article 57: Consensus et la main levée

Le consensus et la main levée sont les seuls modes utilisés lorsque le Conseil délibère sur des matières autres que les instructions.

Article 58: Scrutin secret

Official Gazette n°29 of 20/07/2015

Gutora mu ibanga bikoreshwa iyo bisabwe nibura na bibiri byagatatu (2/3) by'Abajyanama bitabiriye inama cyangwa mu gihe Inama Njyanama igomba gufata ibyemezo bireba abantu ku giti cyabo.

Article 59: Guhamagara buri wese mu izina rye

Mu gutora, Umuyobozi w'inama ahamagara umuntu mu izina rye uhamagawe mu izina rye nawe agasubiza akoresheje "yego", "oya" cyangwa "ndifashe" mu ijwi ryumvikana kandi riranguruye.

Ingingo ya 60: Ifatwa ry'ibyemezo ku mabwiriza cyangwa ku cyifuzo cyangwa ku gitekerezo

Gutora ingingo z'amabwiriza hakoreshwa gushyira ukuboko hejuru.

Iyo Abajyanama batatu (3) babisabye, amatora asubirwamo rimwe gusa.

Iyo iryo subirwamo ridashoboye gukemura impaka bitewe n'uko hari abatanyuzwe n'itora, batora bahamagara buri wese mu izina rye.

Nyuma yo kubarura amajwi, iyo ingingo ibuze amajwi ya ngombwa, Umujyanama cyangwa Komisiyo yize umushinga w'amabwiriza cyangwa uwuhagarariye, babinyujije ku muyobozi w'Inama Njyanama, bashobora gusaba ko iyo ngingo isubizwa muri Komisiyo

Secret ballot shall be used if requested by at least two-thirds (2/3) of Councillors present in the meeting or while taking decisions on individuals.

Article 59: Calling an individual by name

In election, the Chairperson of the meeting calls an individual by name, and the individual called out shall reply "yes", "no" or "abstention" in a clear and loud voice.

Article 60: Adopting resolutions on instructions, project or item

Election of instructions shall be done by show of hand.

Elections shall be repeated only once if requested by three (3) Councillors.

If repetition of elections does not resolve the dispute due to dissatisfaction of certain Councillors, elections shall be conducted by calling out each individual in his or her name.

If, after counting votes, an item does not obtain the required number of votes, a Councillor or the Commission which considered the draft instructions or their representative, through the Chairperson of the council may request that the item be referred back to the Commission to be

Le scrutin secret est utilisé sur demande d'au moins deux tiers (2/3) des Conseillers présents à la réunion ou lorsque le Conseil doit prendre une décision sur des personnes.

Article 59: Vote par appel nominal

Le vote se fait par appel nominal et le Conseiller appelé s'exprime à haute voix par « oui » ou par « non » ou par « abstention ».

Article 60: Adoption des décisions sur les instructions, les projets ou les avis

Le vote des articles des instructions se fait par main levée.

À la demande de trois (3) Conseillers, le vote est repris une seule fois.

Si le doute persiste du fait qu'il y a ceux qui ne sont pas satisfaits du déroulement du vote, il est procédé au vote par appel nominal.

Si, après le décompte des voix, un article n'a pas le nombre de voix requis, un Conseiller ou la Commission ayant examiné le projet d'instructions ou son représentant, par l'intermédiaire du Président du Conseil, peuvent demander que cet article soit renvoyé

Official Gazette n°29 of 20/07/2015

bikemezwa n’Inama Njyanama. Iyo ntawe ubisabye ingingo iba ivuyemo.

approved by the Council. If no person requests for that, that item shall be dropped.

à la Commission sur approbation du Conseil. Si une telle demande n’est pas exprimée, l’article est supprimé.

Iyo ari ikibazo cyangwa igitekerezo cyatorewe nti hagire icyemezo kiganza ikindi, gisubizwa uwakizanye.

If it is an issue or a proposal that was voted on, and no final decision was taken, the issue or the proposal shall be returned to the person who presented it.

Lorsqu’il s’agit d’une question ou d’un avis qui, après le vote, n’obtient pas la majorité requise il ou elle est renvoyé(e) à son auteur.

Iyo mu gutora umushinga w’amabwiriza wose hatabonetse amajwi aganza andi, Biro y’Inama Njyanama iwugarura mu Nama Njyanama nyuma y’iminsi cumi n’itanu (15) kugira ngo wongere utorwe.

If there is no absolute majority vote during the election of draft instructions, the Bureau of the Council shall return the item to the Council after fifteen (15) days for re-voting.

Lorsqu’il est procédé au vote de l’ensemble d’un projet d’instructions et qu’il n’y a pas de majorité requise, le Bureau du Conseil le réintroduit au Conseil après quinze (15) jours pour qu’il soit encore voté.

Iyo itora ryerekeranye n’abantu, amatora asubirwamo rimwe gusa iyo bisabwe n’Abajyanama batanu (5) berekanye impamvu kandi bikemezwa n’Inama Njyanama.

If it is an election of people, the election shall be repeated only once if five (5) Councillors upon presentation of justifications, request so and on approval by the Council.

Pour le vote concernant des personnes, le vote est repris une seule fois, sur demande de cinq (5) Conseillers et sur approbation du Conseil.

Ingingo ya 61: Gufata icyemezo binyuze mu guhamagara buri wese mu izina rye

Article 61: Adoption of a resolution by calling out an individual by name

Article 61: Adoption d’une décision par appel nominal

Umuyobozi w’Inama Njyanama asaba Umunyamabanga w’Inama Njyanama mu matora, guhamagara buri wese mu izina rye, hakurikijwe ubukurikirane bw’inyuguti zitangira amazina y’abo y’ababyeyi.

The Chairperson of the council shall, during elections, request the Secretary of the Council to call each individual by name in accordance with the alphabetical order of surnames of the individuals.

Lors du vote, le président du Conseil demande au Secrétaire du Conseil de faire l’appel nominal des Conseillers par ordre alphabétique de leurs noms propres.

Guhamagara buri wese mu izinarye bikorwa mu ijwi riranguruye, uhamagawe agatora “yego” cyangwa ‘oya». Abajyanama batemeye ntibanahakane, berekana igitekerezo cyabo bakoresheje ijambo “ndifashe”.

Calling out an individual by name shall be done in a loud voice and the person called shall vote "yes" or "no". Councillors, who abstain, shall show their position by use of word "abstain".

Le vote par appel nominal se fait à haute voix, et le Conseiller appelé s’exprime par « oui » ou par « non ». Les Conseillers qui ne donnent pas une opinion expriment leur position par le terme « abstention ».

Official Gazette n°29 of 20/07/2015

Ijwi ry'Umujyanama uterekanye igitekerezo cye, mu matora kandi yaje mu nama ribarwa nk' "impfabusa", kimwe n'Umujyanama washyize umukono kuri lisiti y'abahari ariko mu gihe cy'itora akaba adahari.

Ingingo ya 62: Gufata icyemezo binyuze mu majwi bandika mu ibanga

Iyo gutora bibaye bandika mu ibanga, Umunyamabanga wa Biro aha buri Mujyanama uhari urupapuro rwateguwe n'ubuyobozi bw'inama.

Iyo Umunyamabanga adahari, imirimo yo mu nama z'Inama Njyanama imureba, ikorwa n'Uwungirije Umuyobozi w'Inama Njyanama.

Buri Mujyanama umaze gutorwa ashya urupapuro ahabigenewe. Ivangura ry'impapuro zatoreweho rihita rikorerwa imbere y'Abajyanama, bigakorwa n'uhagarariye Biro, abifashijwemo n'Abajyanama babiri (2) bayoborwa n'Umuyobozi w'Inama Njyanama.

Impapuro zitatoreweho, buri rupapuro ruriho ikindi kitari ibimenyetso bihuye n'ibiri ku rupapuro biteganwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo zibaimfabusa.

Impapuro zose ziriho ibindi bitari ibitorerwa cyangwa ziriho umubare urenga w'abagomba gutorwa ziba nazo "impfabusa".

A vote of a Councillor who does not show his or her position in elections but who is present in the meeting or who signs an attendance list but who is absent during elections shall be regarded as invalid.

Article 62: Adoption of a resolution by secret ballot

If election is conducted through secret ballot, the Secretary of the Bureau shall give each Councillor present a ballot paper prepared for that purpose by the Chairperson.

If the Secretary is absent, his or her duties in the Council meetings shall be carried out by the Deputy Chairperson of the Council.

After voting, each Councillor shall place the ballot paper in the appropriate place. Sorting out of ballot papers shall be done in front of the Councillors by the Bureau representative assisted by two (2) Councillors led by Chairperson of the Council.

Unused ballot papers and all other papers bearing markings other than those on the ballot papers provided for in paragraph One of this Article shall be declared invalid.

All ballot papers bearing markings other than the candidates or bear a number greater than the number of candidates shall also be declared invalid.

Est considérée comme nulle la voix du Conseiller qui n'a pas manifesté sa position lors d'un scrutin alors qu'il s'est présenté à la séance tout comme un Conseiller qui a apposé sa signature sur la liste des présences mais n'est pas présent au moment du vote.

Article 62: Adoption d'une décision par un bulletin secret

Lorsqu'il est procédé à un scrutin secret, le Secrétaire du Bureau distribue à chaque Conseiller présent un bulletin préparé à cet effet par le Président de la réunion.

Lorsque le Secrétaire est absent, il est remplacé dans ses fonctions par le Vice-président du Conseil.

Après le vote, chaque Conseiller dépose son bulletin dans l'urne prévue à cet effet. Il est ensuite procédé, devant les Conseillers, au dépouillement des bulletins de vote par un représentant du Bureau assisté par deux (2) Conseillers dirigés par le Président du Conseil.

Les bulletins blancs et tout bulletin comportant un signe ou une inscription autre que celle prévue à l'alinéa premier du présent article sont nuls.

Tous les bulletins portant les mentions autres que les candidats ou portant un nombre supérieur à celui des candidats sont aussi considérés comme nuls.

Ingingo ya 63: Ibarura ry'amajwi

Ibarura ry'amajwi rikorwa n'abajyanama babiri (2) babifashijwemo n'umukozi wagenwe kuri urwo rwego rw'imitegekere y'igihugu.

Nyuma y'ibarura ry'amajwi, Umuyobozi w'Inama Njyanama atangariza Inama Njyanama ibyavuye mu matora.

Ingingo ya 64: Kugaragaza impamvu yo kwifata

Nyuma y'amatora, haba hakoreshejwe ubwumvikane busesuye, cyangwa gushyira ukuboko hejuru, cyangwa guhamagara buri wese mu izina rye, Umuyobozi w'Inama Njyanama yemerera Abajyanama bifashe, iyo babisabye kuvuga mu minota ibiri (2), impamvu zitumye bifata. Izo mpamvu ntizishobora kugibwaho impaka.

Ingingo ya 65: Gutwika impapuro zatoreweho

Iyo amatora yakozwe hakoreshejwe gucisha mu majwi mu ibanga arangije, impapuro zatoreweho zitwikirwa imbere y'Inama Njyanama nyuma y'amatora.

Ingingo ya 66: Kudahabwa ijambo mu gihe cy'amatora

Article 63: Counting of ballot papers

The counting of ballot papers shall be done by two (2) Councillors assisted by an employee designated at the administrative entity level.

After counting the ballot papers, the Chairperson of the Council shall announce to the Council the results from the elections.

Article 64: Giving reasons for abstention

After elections, whether by consensus, show of hand or by calling individual by name, the Chairperson of the Council shall allow Councillors who abstained, if they so request, to give reasons why they did so in a period not exceeding two (2) minutes. In any case, these reasons shall not be debated upon.

Article 65: Burning ballot papers

If the election was conducted through secret ballot, the ballot papers shall be burnt in front of the Council after the election.

Article 66: Interdiction to be given the floor during elections

Article 63: Décompte des voix

Le décompte des voix est effectué par deux (2) Conseillers assistés par un agent désigné par l'entité administrative.

Après le décompte des voix, le Président du Conseil annonce le résultat du vote au Conseil.

Article 64: Présentation par le Conseiller des motifs d'abstention

Après tout vote, que ce soit par consensus, par main levée ou par appel nominal, le Président du Conseil accorde aux Conseillers qui se sont abstenus l'opportunité, s'ils le demandent, d'exprimer en deux (2) minutes au maximum les motifs de leur abstention. Ces motifs ne peuvent faire l'objet de débat.

Article 65: Destruction des bulletins par le feu

A la fin de la séance réservée au vote, les bulletins ayant servi au scrutin secret sont brûlés devant le Conseil.

Article 66: Interdiction de prise de parole pendant le vote

Official Gazette n°29 of 20/07/2015

Nta we ushobora guhabwa ijambo cyangwa mosiyo mu amatora arimo gukorwa.

Ingingo ya 67: Agaciro k'ijwi ry'Umujyanama no kudatorera undi

Uburyo ubwo ari bwo bwose bakoresha mu matora, buri Mujyanama afite ijwi rimwe gusa kandi ntashobora gutorera undi Mujyanama.

Ingingo ya 68: Uburyo bwo gufata ibyemezo

Ibyemezo by'Inama Njyanama bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abajyanama bahari, uretse igihe amategako abiteganyanya ukundi.

Iyo Inama Njyanama igomba gufata icyemezo ku bindi bitari amabwiriza, Umuyobozi w'Inama Njyanama abaza ko hari Umujyanama udashyigikiye umwanzuro atanze cyangwa watanze n'undi Mujyanama. Iyo atabonetse, icyemezo kiba gifashwe ku bwumvikane busesuye.

Iyo hari umujyanama utabyemeye, amatora akorwa hakoreshwa gushyira ukuboko hejuru.

Nobody shall be allowed to speak or table a motion during elections.

Article 67: Value of vote and interdiction of proxy voting

Each Councillor shall have only one vote in whichever electoral method is used and no Councillor shall vote on behalf of another.

Article 68: Decision-making procedure

Decisions of the Council shall be taken by absolute majority vote of Councillors present, unless in circumstances where Laws provide otherwise.

Where the Council is obliged to take a decision on any other item other than instructions, the Chairperson of the Council shall ask Councillors present whether any of them does not support his/her recommendation or one given by another Councillor. If nobody does, the decision shall be considered as taken through consensus.

If any Councillor is opposed to the decision, elections shall be held by show of hand.

Nul ne peut prendre la parole ni présenter une motion d'ordre pendant les opérations de vote.

Article 67: Valeur de vote et interdiction de vote par procuration

Quel que soit le mode électoral, chaque Conseiller ne dispose que d'une seule voix. Le vote par procuration n'est pas accepté.

Article 68: Procédure de prise de décisions

Sous réserve des dispositions légales contraires, les décisions du Conseil sont prises à la majorité absolue des Conseillers présents.

Lorsque le Conseil doit se prononcer sur des matières autres que les instructions, le Président du Conseil demande s'il y a un Conseiller qui a une objection à la proposition qu'il fait ou à celle faite par un autre Conseiller. S'il n'y a pas d'objection, la proposition est considérée comme adoptée par consensus.

S'il y a au moins une voix contre, il est procédé au vote par main levée.

UMUTWE WA VIII: INZIRA ZO GUFATA IBYEMEZO KU BIBAZO BINYURANYE

Icyiciro cya mbere: Gutanga ikibazo

Ingingo ya 69: Ikibazo cyigwa mu nama

Ikibazo cyose kigwa n’Inama Njyanama kigomba kuba giherekejwe n’isobanurampamvu yacyo. Biro y’Inama Njyanama igomba gushyikiriza buri Mujyanama ikibazo kigomba kwigwaho n’isobanurampamvu ryayo mu minsi irindwi (7) uherye ku muni yakiboneyeho.

Umujyanama wese kandi afite uburenganzira bwo gushyikiriza mu nyandiko Umuyobozi w’inama njyanama ikibazo kugira ngo gisuzumwe

Icyiciro cya II: Kwiga ibibazo muri Komisiyo

Ingingo ya 70: Kujya impaka ku kibazo cyatanzwe

Umuyobozi w’Inama Njyanama ashyaikiriza Inama Njyanama ikibazo cyatanzwe na Biro y’Inama Njyanama cyangwa cyatanzwe n’Umujyanama kikagibwaho impaka.

CHAPTER VIII: PROCEDURES USED IN TAKING DECISIONS ON VARIOUS PETITIONS

Section One: Submission of a petition

Article 69: Petition to be examined in the Council meeting

Any petition to be examined in the Council meeting shall be accompanied by its explanatory note. The Bureau of the Council shall submit the petition together with its explanatory note to each Councillor within seven (7) days from the date of reception.

Any Councillor shall, in writing, also have a right to submit a petition to the Chairperson of the Council for consideration.

Section II: Consideration of petitions in the Commission

Article 70: Debates on the petition submitted

The Chairperson of the Council shall present to the Council a petition submitted by the Bureau of the Council by a Councillor for discussion.

CHAPITRE VIII: PROCEDURES DE PRISE DE DECISION SUR LES QUESTIONS DIVERSES

Section première: Transmission d’une question

Article 69: Question devant être examinée par le Conseil

Honorary members shall be proposed by the Executive Board and approved by the General Assembly. They play a consultative role, but have no right to vote in the General Assembly's meetings.

Ingingo ya 10:

Abashinze umuryango n'abawinjiramo bose ni abanyamuryango nyakuri. Biyemeza kugira uruhare mu bikorwa byose by'umuryango. Bafite uburenganzira n'inshingano zingana.

Baza mu nama z'Inteko Rusange zose bafite uburenganzira bwo gutora kandi bagomba gutanga umusanzu ugenwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 11:

Inzandiko zisaba kwinjira mu muryango zoherezwa Perezida wa Komite Nyobozi, bikemezwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 12:

Ubunyamuryango burangira iyo umuntu apfuye, iyo asezeye ku bushake, iyo yirukanywe cyangwa igihe umuryango usheshwe.

Usezeye ku bushake yandikira Perezida wa Komite Nyobozi, bikemezwa n'Inteko Rusange.

Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi iyo atacyubahiriza aya mategeko shingiro n'amabwiriza ngenamikorere y'umuryango.

UMUTWE WA III: IBYEREKEYE INZEGO

Ingingo ya 13:

Inzego z'umuryango ni Inteko Rusange, Komite

Article 10:

Les membres fondateurs et les membres adhérents constituent les membres effectifs de l'organisation. Ils ont les mêmes droits et obligations. Ils prennent l'engagement de participer activement à toutes les activités de l'organisation.

Ils assistent aux réunions de l'Assemblée Générale avec voix délibérative et doivent verser une cotisation fixée par l'Assemblée Générale.

Article 11:

Les demandes d'adhésion sont adressées au Président du Comité Exécutif approuvées par l'Assemblée Générale.

Article 12:

La qualité de membre se perd par le décès, le retrait volontaire, l'exclusion ou la dissolution de l'organisation. Le retrait volontaire est adressé par écrit au Président du Comité Exécutif et approuvé par l'Assemblée Générale.

L'exclusion est prononcée par l'Assemblée Générale à la majorité de deux tiers (2/3) de voix contre un membre qui ne se conforme plus aux présents statuts et au règlement d'ordre intérieur de l'organisation.

CHAPITRE III: DES ORGANES

Article 13:

Les organes de l'organisation sont l'Assemblée

Article 10:

Founder members and adherent members are both effective members of the organization. They have the same rights and responsibilities. They are committed to actively participate in all activities of the organization.

They have to attend all the meetings of the General Assembly with the right to vote and have to give contributions decided upon by the General Assembly.

Article 11:

Applications for membership are addressed to the President of the Executive Board and approved by the General Assembly.

Article 12:

Membership shall cease in case of a member's death, voluntary resignation, exclusion or dissolution of the organization. Voluntary resignation shall be addressed to the President of the Executive Board and approved by the General Assembly.

Exclusion shall be adopted by the General Assembly upon the two third (2/3) majority votes against any member who no longer conforms to the present statutes and the internal regulations of the organization.

CHAPTER III: THE ORGANS

Article 13:

The organization is administered by the General

Nyobozi n'Ubugenzuzi bw'imari n'urwego rwogukemura amakimbirane Inteko Rusange ishobora gushyiraho izindi nzego. no kuzikuraho

Igice cya mbere: Ibyerekeye Inteko Rusange

Ingingo ya 14:

Inteko Rusange nirwo rwego rw'ikirenga rw'umuryango. Igizwe n'abanyamuryango nyakuri bose.

Ingingo ya 15:

Inteko Rusange ihamagazwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Komite Nyobozi, yaba adahari cyangwa atabonetse, bigakorwa na Visi-Perezida. Iyo Perezida na Visi-Perezida bombi badahari, batabonetse cyangwa banze, Inteko Rusange ihamagazwa na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abanyamuryango nyakuri. icyo gihe, abagize Inteko bitaramo Perezida w'inama.

Ingingo ya 16:

Inteko Rusange iterana nibura kabiri mu mwaka mu nama isanzwe n'igihe cyose bibaye ngombwa mu nama zidasanzwe. Inzandiko z'ubutumire zikubiyemo ibiri ku murongo w'ibyigwa zishyikirizwa abanyamuryango nibura mbere y'iminsi mirongo itatu (30).

Générale, le Comité Exécutif, le Commissariat aux comptes et la commission pour la résolution des conflits. L'Assemblée Générale peut décider de la création d'autres organes et les suspendre.

Section première: L'Assemblée Générale

Article 14:

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de l'organisation. Elle est composée de tous les membres effectifs de l'organisation.

Article 15:

L'Assemblée Générale est convoquée et dirigée par le Président du Comité Exécutif, en cas d'absence ou d'empêchement, par le Vice-président. En cas d'absence, d'empêchement ou de défaillance simultanés du Président et du Vice-président, l'Assemblée Générale est convoquée par au moins un tiers (1/3) des membres effectifs. Dans ce cas, elle élit en son sein un Président de la session.

Article 16:

L'Assemblée Générale se réunit deux fois par an en session ordinaire et en sessions extraordinaires autant de fois que le besoin se fait sentir. Les invitations contenant l'ordre du jour sont remises aux membres au moins trente (30) jours avant la réunion.

Assembly, the Executive Board, the Audit Committee and the committee of conflict resolution. The General Assembly may decide the creation of other organs **and suspension**

Section One: The General Assembly

Article 14:

The General Assembly is the supreme body of the organization. It is composed of all the effective members of the organization.

Article 15:

The General Assembly is convened and chaired by the President of the Executive Board or, in case of absence, by the Vice-President. In case both the President and the Vice-President are absent or fail to convene it, the General Assembly shall be convened by at least the third (1/3) of the effective membership. In that case, the Assembly shall elect a Chairman for the session amongst the members present.

Article 16:

The General Assembly shall meet twice a year in ordinary session and as often as needed in extraordinary sessions. Invitation letters containing the agenda shall be transmitted to members at least thirty (30) days before the meeting.

Ingingo ya 17:

Inteko Rusange iterana kandi igafata ibyemezo bifite agaciro iyo bibiri bya gatatu (2/3) by'abanyamuryango nyakuri bahari. Iyo uwo mubare utuzuye, indi nama itumizwa mu minsi cumi n'itanu (15). Icyo gihe, Inteko Rusange iraterana kandi igafata ibyemezo bifite agaciro ititaye ku mubare w'abahari.

Ingingo ya 18:

Inteko Rusange idasanzwe iterana igihe cyose bibaye ngombwa. Ihamagazwa kandi ikayoborwa mu buryo bumwe nk'ubw'Inteko Rusange isanzwe. Igihe cyo kuyitumiza gishyizwe ku minsi cumi n'itanu (15). Impaka zigibwa gusa ku kibazo cyateganyijwe mu butumire.

Ingingo ya 19:

Uretse ibiteganywa ukundi n'itegeko ryerekeye imiryango idaharanira inyungu kimwe n'aya mategeko shingiro, ibyemezo by'Inteko Rusange bifatwa ku bwiganze busesuye bw'amajwi. Iyo amajwi angana, irya Perezida rigira uburemere bw'abiri.

Ingingo ya 20:

Inteko Rusange ifite ububasha bukurikira:

-kwemeza no guhindura amategeko agenga umuryango n'amabwiriza mbonezamikorere yawo;

Article 17:

L'Assemblée Générale siège et délibère valablement lorsque les deux tiers (2/3) des membres effectifs sont présents. Si le quorum n'est pas atteint, une nouvelle convocation est lancée dans quinze (15) jours. Dans ce cas, l'Assemblée Générale siège et délibère valablement quel que soit le nombre de participants.

Article 18:

L'Assemblée Générale extraordinaire se tient autant de fois que de besoin. Les modalités de sa convocation et de sa présidence sont les mêmes que celles de l'Assemblée Générale ordinaire. Le délai de sa convocation est de quinze (15) jours. Les débats portent uniquement sur la question inscrite à l'ordre du jour.

Article 19:

Sauf pour les cas expressément prévus par la loi relative aux associations sans but lucratif et par les présents statuts, les décisions de l'Assemblée Générale sont prises à la majorité absolue des voix. En cas de parité de voix, celle du Président compte double.

Article 20:

L'Assemblée Générale est dotée des pouvoirs ci-après:
-adoption et modification des statuts et du règlement d'ordre intérieur;

Article 17:

The General Assembly legally meets when it gathers the two third (2/3) of the effective membership. In case the quorum is not reached, a second meeting is convened within fifteen (15) days. In that case, the General Assembly shall meet and take valid resolutions irrespectively of the number of participants.

Article 18:

The extraordinary General Assembly is convened as often as it is deemed necessary. The modalities in which it is convened and chaired are the same as for the ordinary one. The deadline to convene it is fifteen (15) days. Debates shall deal only with the matters on the agenda.

Article 19:

Except for cases explicitly provided for by the law governing the non profit making organizations and the present statutes, the resolutions of the General Assembly are valid when adopted by the absolute majority of votes. In case of equal votes, the President has a casting vote.

Article 20:

The General Assembly has the following powers:
-to adopt and amend the constitution and internal regulations of the organization;

-gushyiraho no kuvanaho abagize Komite Nyobozi n'Ubugenzuzi bw'imari;
-kwemeza ibyo umuryango uzakora;
-kwakira, guhagarika no kwirukana umunyamuryango;
-kwemeza buri mwaka imicungire y'imari;
-kwemera impano n'indagano;
-gusesa umuryango;
- Gutora abagize komisiyo yo gukemura amakimbirane
-ibindi bikorwa byose bidashinzwe izindi nzego.

-nomination et révocation des membres du Comité Exécutif et des Commissaires aux comptes;
-détermination des activités de l'organisation;
-admission, suspension ou exclusion d'un membre;
-approbation des comptes annuels;
-acceptation des dons et legs;
-dissolution de l'organisation;
- élire les membres de la commission de résolution des conflits
-toute autre tâche non attribuée à aucun autre organe.

-to appoint and dismiss the Executive Board and the Audit Committee;
-to determine the organization's activities;
-to admit, to suspend and to expel a member;
-to approve the annual accounts of the organization;
-to accept donations and legacies;
-to dissolve the organization;
- Elect members of the conflict resolution commission
-to carry on any activity not attributed to any other organ.

Igice cya kabiri: Komite Nyobozi

Ingingo ya 21:

Komite Nyobozi igizwe na:

-Perezida: Umuvugizi w'umuryango;

-Visi-Perezida: Umuvugizi Wungirije;

-Abakomiseri :

- Komisariya ishinzwe imibanire n'itumanaho;
- Komisariya ishinzwe ubukangurabanga n'ubukungu;

-Umunyamabanga Mukuru;

-Umubitsi.

Ingingo ya 22:

Abagize Komite Nyobozi batorwa n'Inteko Rusange mu banyamuryango nyakuri ku bwiganze busesuye. Manda yabo imara imyaka itatu ishobora kongerwa.

Section deuxième: Comité Exécutif

Article 21:

Le Comité Exécutif est composé:

-du Président: Représentant Légal de l'organisation;

-du Vice-président: Représentant Légal Suppléant;

-les commissaires :

- Commissariat aux relations publiques et communication
- Commissariat chargé de la mobilisation et production

-du Secrétaire Général;

- du Trésorier.

Article 22:

Les membres du Comité Exécutif sont élus par l'Assemblée Générale parmi les membres effectifs à la majorité absolue de voix. Leur mandat est de trois ans renouvelable.

Section two: The Executive Board

Article 21:

The Executive Board shall be composed of:

-The President: Legal Representative of the organization;

-The Vice-President: Deputy Legal Representative

-Commissioners:

- Commissioner in charge of public relation and communication
- Commissioner in charge of mobilization and outreach(sensibilisation)

-The General Secretary;

-The Treasurer.

Article 22:

The Executives shall be elected by the General Assembly among the effective membership upon the absolute majority votes for three years term renewable.

Ingingo ya 23:

Komite Nyobozi iterana igihe cyose bibaye ngombwa, ariko byanze bikunze rimwe mu gihembwe, ihamagawe kandi iyobowe na Perezida cyangwa Visi-Perezida.

Iterana iyo hari bitatu bya gatanu (3/5) by'abayigize. Ibyemezo byayo bifatwa ku bwiganze busanzwe bw'amajwi iyo hatabayeho ubwumvikane.

Ingingo ya 24:

Komite Nyobozi ishinze:

-gushyira mu bikorwa ibyemezo n'ibyifuzo by'Inteko Rusange;

-kwita ku micungire ya buri muni y'umuryango;

-gukora raporo z'ibyakozwe mu mwaka urangiye;

-gutegura ingengo y'imari igomba gushyikirizwa Inteko Rusange;

-gushyikiriza Inteko Rusange ingingo z'amategeko n'amabwiriza ngenamikorere zigomba guhindurwa;

-gutegura inama z'Inteko Rusange;

-kugirana imishyikirano n'indi miryango igamije ubutwererane no gushaka inkunga;

-gushaka, gushyiraho no gusezerera abakozi.

Article 23:

Le Comité Exécutif se réunit autant de fois que de besoin, mais obligatoirement une fois par trimestre, sur convocation et sous la direction du Président ou à défaut, du Vice-président.

Il siège lorsque les trois cinquième (3/5) des membres sont présents. Ses décisions se prennent à la majorité simple des voix lorsqu'il n'y a pas de consensus.

Article 24:

Le Comité Exécutif est chargé de:

-mettre en exécution les décisions et les recommandations de l'Assemblée Générale;

-s'occuper de la gestion quotidienne de l'organisation;

-rédiger les rapports annuels d'activités de l'exercice écoulé;

-élaborer les prévisions budgétaires à soumettre à l'Assemblée Générale;

-proposer à l'Assemblée Générale les modifications aux statuts et au règlement intérieur;

-préparer les sessions de l'Assemblée Générale;

-négocier les accords de coopération et de financement avec des partenaires;

-recruter, nommer et révoquer le personnel.

Article 23:

The Executive Board shall meet as often as it bids necessary but obligatorily once in a term. It shall be convened by the President or in case of absence, by the Vice-President.

It shall legally meet when three fifth (3/5) of the members are present. Its decisions shall be adopted upon the simple majority votes in case of lack of consensus.

Article 24:

The Executive Board has the following attributions:

-to execute the decisions and recommendations of the General Assembly;

-to deal with the day to day management of the organization;

-to elaborate annual reports of activities;

-to elaborate budget provisions to submit to the approval of the General Assembly;

-to propose to the General Assembly all the amendments to the constitution and the internal regulations;

-to prepare and chair the sessions of the General Assembly;

-to negotiate funding with partners;

-to recruit, appoint and dismiss the staff.

UKO UMUNTU ABA UMUYOBOZI N'UKO ABITAKAZA MURI PAJER

LES CRITERES POUR ETRE ET POUR PERDRE LA QUALITE DE DIRIGEANT DANS LE PAJER

CRITERIA FOR BEING A LEADER AND LOSS OF LEADERSHIP IN PAJER

Ingingo ya 24 .a:

Kuba umuyobozi wa PAJER. Ibishingirwaho :

-Kuba ari inyangamugayo;
-Kuba afite imyaka y'ubukure;
-Kuba atarahamwe n'icyaha cya jenocide, icy'ingengabitekerezo ya jenocide, icy'ivangura n'icyo gukurura amacakubiri;
-Atarakatiwe ku buryo budasubirwaho igihano cy'iremezo cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu, kitarahanagurwa n'imbabazi z'itegeko cyangwa ihanagurwabusembwa

b) Impamamvu zituma Umuyobozi atakaza umwanya :

Urupfu, ikiruhuko cy'izabukuru, kwegura, gukurwa ku murimo n'inama rusange bitewe no gukora ibyaha bikomeye, cyangwa kunanirwa umurimo.

Igice cya gatatu: Ubugenzuzi bw'imari

Ingingo ya 25:

Inteko Rusange ishyingiraho buri manda Abagenzuzi b'imari bafite inshingano yo kugenzura buri gihe imicungire y'imari n'indi mitungo by'umuryango no kubikorera raporo. Bafite uburenganzira bwo kureba mu bitabo n'izindi nyandiko z'ibaruramari by'umuryango ariko batabijyanye hanze

Article 24.a :

Critères pour être un Dirigeant dans 'PAJER :

Etre une personne intègre ;
-Avoir atteint l'âge de la majorité ;
-N'avoir pas été condamné pour crime de génocide, d'idéologie du génocide, de discrimination et de divisionnisme ;
-N'avoir pas été définitivement condamné à une peine principale d'emprisonnement supérieure ou égale six (6) mois qui n'a pas été rayée par l'amnistie ou la réhabilitation ;

b) Raisons pour perdre la qualité d'un leader dans PAJER

La mort, la retraite, la démission, être enlevé de son poste par l'Assemblée Générale suite à commettre des péchés graves, l'inefficacité, ou l'incapacité

Section troisième: Du Commissariat aux comptes

Article 25:

L'Assemblée Générale nomme pour chaque mandat des Commissaires aux comptes ayant pour mission de contrôler en tout temps la gestion des finances et d'autres patrimoines de l'organisation et lui en faire rapport. Ils ont l'accès, sans les déplacer, aux livres et aux autres écritures comptables de l'organisation.

Article 24.a :

To be Legal Leaders of PAJER Criteria:

-Has to be a person of integrity;
-Has to be of a majority age;
-Has not been sentenced for the crime of genocide, genocide ideology, discrimination and sectarianism;
-Have not been definitively sentenced to a main penalty of imprisonment of not less than six (6) months which is not crossed by amnesty or rehabilitation;

b) Reasons for the loss of position of leaders in PAJER

Death, retirement, resignation, to be removed by the General Assembly due to do grave sins, ineffectiveness, or incapacity.

Section Three: The Auditing Committee

Article 25:

The General Assembly appoints at each mandate Auditors committed to control at any time the management of finances and other properties of the organization and make report. They have access, without carrying them outside, to any accounting documents of the organization.

y'ububiko.

Inteko Rusange ishobora gushyiraho izindi nzego.

L'assemblée peut décider de mettre en place d'autres organes.

The general Assembly may decide to put other organs.

UMUTWE WA IV: UMUTUNGO

Ingingo ya 26:

Umutungo w'umuryango ugizwe ahanini n'imisanzu y'abanyamuryango, impano n'imirage, imfashanyo zinyuranye n'umugaruro ukomoka ku bikorwa by'umuryango.

Ingingo ya 27:

Umuryango ushobora gutira no gutunga ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa ukeneye kugirango ugere ku ntego zawo.

Ingingo ya 28:

Umuryango ugenera umutungo wawo ibikorwa byose byatuma ugera ku ntego zawo ku buryo buziguye cyangwa butaziguye.

Nta munyamuryango ushobora kuwiyitirira cyangwa ngo agire imigabane asaba igihe asezeye ku bushake, iyo yirukanywe cyangwa iyo umuryango usheshwe.

UMUTWE WA V: IHINDURWA RY'AMATEGEKO N'ISESWA RY'UMURYANGO

Ingingo ya 29:

Aya mategeko ashobora guhindurwa byemejwe

CHAPITRE IV: DES RESSOURCES

Article 26:

Les ressources de l'organisation sont constituées notamment par les cotisations des membres, les dons et legs, les subventions diverses et les revenus issus des activités de l'organisation.

Article 27:

L'organisation peut posséder, soit en jouissance, soit en propriété, des biens meubles et immeubles nécessaires à la réalisation de ses objectifs.

Article 28:

L'organisation affecte ses ressources à tout ce qui concourt directement ou indirectement à la réalisation de ses objectifs.

Aucun membre ne peut s'en arroger le droit de possession ni en exiger une part quelconque en cas de retrait volontaire, d'exclusion ou de dissolution de l'organisation.

CHAPITRE V: DES MODIFICATIONS AUX STATUTS ET DE LA DISSOLUTION DE L'ORGANISATION

Article 29:

Les présents statuts peuvent faire objet de

CHAPTER IV: THE ASSETS

Article 26:

The assets come from the contributions of the members, tithes, offerings, donations, legacies, various subsidies and revenues generated from activities of the organization.

Article 27:

The organization may hire or own movable properties and real estates needed to achieve its objectives.

Article 28:

The organization shall allocate its assets to any activity which contributes directly or indirectly to the achievement of its objectives.

No member shall have the right to own it or claim any share in case of voluntary resignation, exclusion or dissolution of the organization.

CHAPTER V: AMENDMENTS OF THE CONSTITUTION AND DISSOLUTION OF THE ORGANIZATION

Article 29:

The present statutes may be amended by the General

n'Inteko Rusange ku bwiganze busesuye bw'amajwi, bisabwe na Komite Nyobozi cyangwa na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abanyamuryango nyakuri.

Ingingo ya 30:

Byemejwe ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi, Inteko Rusange ishobora gusesa umuryango.

Igihe umuryango usheshwe, hamaze gukorwa ibarura ry'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa by'umuryango no kwishyura imyenda, umutungo usigaye uhabwa undi muryango nyarwanda bihuje intego.

UMUTWE WA VI:
GUKEMURA AMAKIMBIRANE

Ingingo ya 31:

Buri myaka itatu inama rusange yitoramo abantu 3 bagize Komisiyo ishimzwe gukemura amakimbirane

Ingingo ya 32:

Komisiyo ishinze gukemura amakimbirane ni urwego rushinzwe gukumira no gukemura amakimbirane ashobora kuvuka hagati y'abanyamuryango ba **Parlement des jeunes rwandais "PAJER"**, abafatanyabikorwa ndetse n'abagenerwabikorwa bayo. Rugizwe n'abantu batatu batorwa n'Inteko Rusange.

modifications sur décision de l'Assemblée Générale prise à la majorité absolue de voix sur proposition du Comité Exécutif ou à la demande d'un tiers (1/3) des membres effectifs.

Article 30:

L'Assemblée Générale, sur décision de la majorité de deux tiers (2/3) des voix, peut prononcer la dissolution de l'organisation.

En cas de dissolution, après inventaire des biens meubles et immeubles de l'organisation et apurement du passif, l'actif du patrimoine sera cédé à une institution rwandaise poursuivant des objectifs similaires.

CHAPITRE VI:
RESOLUTION DES CONFLICT

Article 31:

Tous les trois ans, l'A.G élit en son sein une Commission chargée de résolution des conflits composée de 3 personnes.

Article 32:

Les commissaires chargés des résolutions des conflits jouent le rôle de prévenir et de résoudre les conflits parmi les membres du **Parlement des jeunes rwandais "PAJER"**, ses bénéficiaires et partenaires. Cet organe est composé de trois commissaires élus par l'Assemblée Générale.

Assembly upon absolute majority votes, on proposal from the Executive Board or upon request from the third of (1/3) of the effective membership.

Article 30:

Upon decision of the two third (2/3) majority votes, the General Assembly may dissolve the organization.

In case of dissolution, after inventory of movable properties and real estates as well as after payment of debts, the remaining assets shall be transferred to a Rwandan institution pursuing similar objectives.

CHAPITRE VI:
CONFLICT RESOLUTION

Article 31:

Every three years, the General Assembly elects a conflict resolution commission of composed by three people.

Article 32:

The conflict resolution commission has the role of preventing and resolving conflicts that may arise among **Parlement des jeunes rwandais "PAJER"** members, beneficiaries and stakeholders. It is composed by 3 people elected by the General Assembly

Ingingo 33 :

Buri mwaka, komite ishizwe gukemura amakimbirane ishyira ahagaragara raporo y'imikorere n'iyubahirizwa ry'amategeko n'ikemurwa ry'impaka zakemuwe. Iyo raporo ishyikirizwa inama rusange y'umuryango.

Ingingo ya 34:

Igihe cyose hatabayeho ubwumvikane mwikemurwa ry'impaka cyangwa andi makimbirane hazitabazwa urukiko rubifitiye ububasha.

UMUTWE WA VI: IBYEREKEYE INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 35:

Uburyo aya mategeko shingiro azubahirizwa kimwe n'ibindi bidateganyijwe bizasobanurwa ku buryo burambuye mu mabwiriza ngengamikorere y'umuryango yemejwe n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 36:

Aya mategeko yemejwe n'abanyamuryango nyakuri bayashyizeho umukono mu Nteko Rusange Shingiro.

Bikorewe i Kigali, ku wa 17/01/2013

Article 33:

Chaque année, la Commission chargée de résolution des conflits publie son rapport sur la conformité du fonctionnement et des textes de l'organisation et des litiges conciliés qu'il présente à l'assemblée générale de l'organisation.

Article 34:

Au cas où il devient impossible de trancher le différend à l'amiable, le cas sera saisi par le tribunal compétent

CHAPITRE VI: DES DISPOSITIONS FINALES

Article 35:

Les modalités d'exécution des présents statuts et tout ce qui n'y est pas prévu seront déterminés dans un règlement d'ordre intérieur de l'organisation adopté par l'Assemblée Générale

Article 36:

Les présents statuts sont approuvés et adoptés par les membres effectifs réunis en Assemblée Générale Constitutive.

Fait à Kigali le 17/01/2013

Article 33:

Each year, the conflict resolution commission submits to the General Assembly a report on how the organization functions in conformity with its texts, and different cases of conciliated disputes.

Article 34:

Whenever there is failure to resolve any conflict that may arise, the case will be taken to competent court

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

Article 35:

The modalities of implementing the present statutes and any lacking provision shall be determined in the internal regulations of the organization adopted by the General Assembly.

Article 36:

The present constitution is hereby approved and adopted by the effective members meeting in the Constitutive General Assembly.

Done in Kigali, on 17/01/2013

(sé)
KARANGWA PATRICK
Umuvugizi w’umuryango

(sé)
KARANGWA PATRICK
Le Représentant Légal de l’organisation

(sé)
KARANGWA PATRICK
The Legal Representative of the organization

(sé)
RUBANGISA VINCENT
Umuvugizi wungirije

(sé)
RUBANGISA VINCENT
Le Représentant Légal Suppléant

(sé)
RUBANGISA VINCENT
Deputy Legal **Representative**

Abashinze umuryango/Les Membres Fondateurs/Member Founders

NAMES	ID NUMBER	TEL	SIGNATURE
KARANGWA PATRICK	1197180007641092	(+250)0783021333	(sé)
RUBANGISA VINCENT	1195980004484025	(+250)0788771944	(sé)
KANEZA Aline	1198170020945061	(+250)788625140	(sé)
GATOTO EMMANUEL	1198180000057034	(+250)0788312441	(sé)
MUGABO Jean Marie Vianney	1196280036099162	(+250)784264544	(sé)

INYANDIKO MVUGO Y'INAMA RUSANGE IDASANZWE Y'UMURYANGO PAJER YO KUWA 26/01/2007.

Inama yateranye kuwa 26/01/2007 itangira saa cyenda(15hoo) iyoborwa n'umukuru w'inama y'ubuyobozi

KARAGWA Patrick .Yatangiye ashimira abayitabiriye. Ku murongo w'ibygwa hari ingingo zikurikira:

- Kwakira abanyamuryango bashya.
- Kwiga ku kibazo cy'abanyamuryango batari actifs no gufata ibyemezo.
- Gutora komite nshya.
- Utuntu nutundi.

Kubijyanye ni ingingo ya mbere yo kwacyira abanyamuryango bashya, nyuma yo kwiga kuri dossiers z' abasaba kwinjira mu muryango "PAJER" inteko yahisemo kwakira abafite dossiers zuzuye,bakaba ari aba bakurikira:

1. GATOTO Emmanuel.
2. KANEZA ALINE.
- 3 .MUGABO Jean Marie Vianney.

Ku birebana n'abanyamuryango badafite icyo bamariye umuryango kuberako batitabira amanama,ntibatange umusanzu w'umuryango,inteko rusange ishingiyeye ku ngingo ya 19 yamategeko agenga umunyango yafashe icyemezo cyogusezerera m'umuryango aba bakurikira:

- 1.KABAGA Francis
- 2.KAYIRANGA RWIGAMBA Frank
- 3.RUKUNDO Jean de Dieu

Nyuma yaho, inteko rusange yashyizeho abahagarariye inzego z'umuryango mu buryo bukurikira:

1. KARANGWA Patrick: Président wa komite nyobozi akaba n'umuvugizi w'umuryango.
2. RUBANGISA Vincent : V/Président akaba n'umuvugizi wungirije w'umuryango. Umunyamabanga mukuru w'umuryango.
3. KANEZA Aline : Umunyamabanga mukuru w'umuryango.
4. GATOTO Emanuel : Umubitsi:
5. MUGABO Jean Marie Vianney :Ushizwe relation publique et communication.

Ku bijyanye n'utuntu n'utundi, inteko yasabye abanyamuryango kuzajya bitabira amanama kuko ariho batangira ibitekerezo byo kubaka umuryango .

ABITABIRIYE INAMA NI ABA BAKURIKIRA :

1. Membres fondateurs :

AMAZINA	UMUKONO
KARANGWA Patrick	(sé)
RUBANGISA VINCENT	(sé)

2. Membres adhérents:

GATOTO Emmanuel	UMUKONO
KANEZA ALINE	(sé)
MUGABO Jean Marie Vianney	(sé)

Inama yashojwe mu mutuzo n'umukuru w'inama y'ubuyobozi, KARANGWA Patrick, saa kumi n'imwe z'umugoroba.

Umuyobozi w'inama

KARANGWA Patrick (sé)

Umwanditsi w'inama

KANEZA Aline (sé)



PAJER Parlement des Jeunes Rwandais

Legal Representative Declaration

We KARANGWA Patrick, Legal Representative and RUBANGISA Vincent, Deputy Legal Representative of non-profit making organisation named Parlement des jeunes Rwandais “PAJER”, accept to fulfill the mandate given by Assembly.

Done at Kigali, 26/01/2007

Mr KARANGWA Patrick (sé)
Legal Representative

Mr RUBANGISA Vincent (sé)
Deputy Legal Representative

PROCES VERBAL DE LA REUNION DE L'ASSEMBLEE GENERALE DU 17 Janvier 2013

L'Assemblée Générale extraordinaire de l'organisation **Parlement des jeunes rwandais 'PAJER'** s'est réunie en date du 17 Janvier 2013 au siège de l'organisation et la réunion a été dirigée par son Président, KARANGWA Patrick .

A l'ordre du jour figuraient les points ci-après:

1. Modification de dénomination de l'organisation
2. Modification des statuts de l'organisation
3. Création d'un comité de résolution des conflits
4. Divers

1. Modification de dénomination de l'organisation :

Conformément à la loi N° 04/2012 du 17 février 2012 apparue dans le Journal Officiel N° 15 du 9 avril 2012 portant sur l'organisation et fonctionnement des organisations non-Gouvernementales nationales, la dénomination Association sans but lucratif (asbl) doit être remplacée par une nouvelle appellation " Organisation non gouvernementale nationale."

Ainsi, notre organisation porte le nom de : Organisation non gouvernementale nationale **Parlement des jeunes rwandais 'PAJER'** automatiquement, le sigle reste toujours **'PAJER'**

2. Modification des Statuts de l'organisation :

Comme stipulé à l'article 6 portant organisation et fonctionnement des organisations non Gouvernementales nationales, après avoir examiné les instructions en rapport avec l'organisation et le fonctionnement des organisations non gouvernementales nationales, l'Assemblée Générale a trouvé nécessaire de créer un nouveau comité dans son organisation : il s'agit d'un comité de résolution des conflits. Il a été expliqué à l'assemblée de l'importance de cet organe et de son fonctionnement pour la bonne gestion de l'organisation.

3. Création d'un Comité de résolution des conflits :

Après avoir obtenu le consensus de l'assemblée, le comité de résolution des conflits a été mis en place par la voie des élections. Tous les membres fondateurs étaient présents.

Le comité est ainsi composé de trois personnes:

1. La Présidente : Kaberuka Jeanne d'Arc
2. Conseiller : Ndakaza Anthere
3. Le Secrétaire :Sheme Arthur

Référence faite à l'article 6 portant organisation et fonction des organisations non-Gouvernementales nationales, il a été en outre examiné les conditions que doit remplir le Représentant Légal de l'organisation point par point . On a constaté que le Président de l'organisation doit remplir les conditions suivantes et ont été ajoutées dans le statut de l'organisation.

Ces conditions sont les suivantes :

- Etre une personne intègre ;
- Ne pas avoir été condamné pour crime de discrimination, de divisionnisme ou d'idéologie du génocide ;

- Ne pas avoir été condamné à une peine d'emprisonnement d'une durée supérieure ou égale à six mois qui n'a pas été rayée par l'amnistie.

4. DIVERS

- Le comité exécutif reste toujours le même.

La réunion avait commencé à 10 heures et a pris fin à 12 heures 30 minutes.

Secrétaire de l'organisation
KANEZA Aline (sé)

Président de l'organisation
KARANGWA Patrick (sé)

LES PARTICIPANTS A LA REUNION

NOM	TELEPHONE	SIGNATURE
KARANGWA PATRICK	(+250)0783021333	(sé)
RUBANGISA VINCENT	(+250)0788771944	(sé)
KANEZA Aline	(+250)788625140	(sé)
GATOTO EMMANUEL	(+250)0788312441	(sé)
MUGABO Jean Marie Vianney	(+250)784264544	(sé)

GIRIMPUHWE ORGANIZATION CHRISTIAN CARE » (G.A.C.C.) :
INTEKO RUSANGE YA GIRIMPUWE ASSOCIATION CHRISTIAN CARE (G.A.C.C.)
YABEREYE I REMERA, KUWA 19/05/2012.

IBIRI KU MURONGO W'IBYIGWA:

- 1-Gusomerwa inyandikomvugo yo kuwa 16/05/2010.
- 2-Kwakira abasabye kuba Abanyamuryango ba G.A.C.C.
- 3-Gusomerwa amategeko y'umwihariko,
- 4-Gutora Abayobozi bashya ba G.A.C.C.,
- 5-Kuvugurura Komite Nyobozi,
- 6 Gushyiraho Komite Ngenzuzi,
- 7-Gushyiraho Komite y'Abunzi,
- 8-Gusobanurirwa Itegeko ry'Imiryango Nyarwanda itari ya Leta No.04/2012 ryokuwa 17/02/2012,
- 9-Kwemeza Abanyamuryango buzuye ba G.A.C.C.,
- 10-Gutanga Raporo y'umutungo wakoreshejwe kuwa 30/04/2010 kugeza kuwa 19/05/2012.

Abajyanama bamaze gusomerwa ibiri ku murongo w'ibygwa no gusobanurirwa iby'ir'itegeko rishya bafashe imyanzuro ikurikira:

I-INYANDIKO MVUGO:

Inyandiko mvugo imaze gusomwa yabajijweho ubusobanuro, bumaze gutangwa barayemeza.

II-HAKIRIWE ABANYAMURYANGO BATANU:

- 1-NISHIMWE Christine
- 2-MWUNGURA Felix.
- 3-MUHOZA Christian.
- 4-NDABUNGUYE Bernard.
- 5-KINYAMAHANGA Celestin.

III-AMATEGEKO Y'UMWIHARIKO:

Nyuma yo gusobanurira Abanyamuryango icyo Amategeko y'umwihariko Art, 8, 9, avuga cyane cyane ko Umunyamuryango ari wa wundi utanga umusanzu, bahise bemeza ko umusanzu w'umuryango ari ngombwa, kandi bemera kuwutanga uwo ariwo wose.

IV-GUTORA ABAYOBOZI BASHYA BA G.C.C :

Abanyamuryango bemeje ko Abayobozi bacu bakwiriye kuba barize nibura kugera ku rwego rwa A2, atandatu yisumbuye.

-Ku mwanya wa Perezida akaba n'umuvugizi, hatowe uwari usanzweho, MUNYAKAZI Jean, n'amajwi 13/13,

-Ku mwanya wa V/Perezida akaba n'umuvugizi wungirije, hatowe MUHORANA Edward, n'amajwi 10/13,

- Ku mwanya w'Umunyamabanga mukuru, hatowe uwari usanzwe, RUSHIKAMA NIYO Justin, n'amajwi 13/13,
- Ku mwanya w'umubitsi, hatowe MANZI Isaac, wari Visi Perezida, n'amajwi 9/13,
- Ku mwanya w'abajyanama batatu, hatowe:

MURIGANDE J-Berchmas,
MUREBWASUKU Gorette,
NYIRAREMEZO Beatrice

V-KOMITE NYOBOZI YATOWE IGIZWE N'ABA BAKURIKIRA:

- 1-MUNYAKAZI Jean/Perezida, Umuvugizi Uhagarariye Umuryango
- 2-MUHORANA Edward/Visi/Perezida, Umuvugizi wungirije
- 3-RUSHIKAMA Justin/Umunyamabanga Mukuru
- 4-MANZI Isaac/Umubitsi
- 5-MURIGANDE J.Berchmas/Umujyanama
- 6-MUREBWASUKU Gorette/Umujyanama
- 7-NYIRAREMEZO Beatrice/Umujyanama

VI-INAMA NGENZUZI IGIZWE NA:

- 1-GAKUNZI Patient
- 2-MUKESHIMANA J.d'Arc
- 3-MUHOZA Christian

VII-KOMITE Y'ABUNZI IKEMURA AMAKIMBIRANE IGIZWE NA:

- 1-KINYAMAHANGA Celestin/Perezida
- 2-NISHIMWE Christine/Umwanditsi
- 3-NDABUNGUYE Bernard/Umujyanama

VIII-GUHUZA ITEGEKO RISHYA: 04/2012 RYO KUWA 17/02/2012.

Abajyanama bagize Inteko Rusange y'umuryango GIRIMPUHWE A.C.C, bemeje ko Statut ivugururwa, kugira ngo iri tegeko rihuzwe n'amategeko shingiro ya G.A.C.C.

IX-RAPORO Y'UMUTUNGO:

Abajyanama bamaze kugezwaho Raporo y'umutungo winjiye n'uko wakoreshewe, bayibajijeho ibibazo nyuma yo gusubizwa barayemeza.

X-ABAGIZE UMURYANGO GIRIMPUHWE:

- 1-MUNYAKAZI Jean
- 2-MUHORANA Edward
- 3-RUSHIKAMA Justin
- 4-MANZI Isaac
- 5-MUREBWASUKU Gorette

- 6-MURIGANDE J, Berchmas
- 7-MUKESHIMANA J. d'Arc
- 8-NYIRAHIRWE Odes
- 9-NYAKIZA Jacqueline
- 10-NYIRAREMEZO Beatrice
- 11-NYAMUGISHA Clementine
- 12-CYUBAHIRO Felicien
- 13-GAKUNZI Patient
- 14-NISHIME Christine
- 15-NDABUNGUYE Bernard
- 16-KINYAMAHANGA Celestin
- 17-MWUNGURA Felix
- 18-MUHOZA Christian

Bikorewe i Remera, kuwa 19/05/2012,

N.B. Inama yashoje imirimo yayo saa cyenda n'igice, Umuyobozi wayo ashimira abitabiriye inama.

Umuyobozi w'inama:

Rev. MUNYAKAZI Jean (sé)

Umwanditsi:

Mr NDABUNGUYE Bernard (sé)

ICYEMEZO N°RCA/0264/2015 CYO KUWA 30/03/2015 GIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE «IMBARUTSO Y'AMAJYAMBERE MBUYE» (KOPIMAMBU)

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **KOPIMAMBU**» ifite icyicaro i Nyakarekare, Umurenge wa Mbuye, Akarere ka Ruhango, Intara y'Amajyepfo,

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative «**KOPIMAMBU**» ifite icyicaro i Nyakarekare, Umurenge wa Mbuye, Akarere ka Ruhango, Intara y'Amajyepfo, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative «**KOPIMAMBU**» igamije gutanga serivisi zijyanye n'ubujyanama bw'ubuzima no guteza imbere ubworozi bw'inkoko. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanze kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Icyemezo no RCA/1286/2009 cyo ku wa 21 Ukwakira 2009 kivanyweho.

Ingingo ya 3:

Koperative «**KOPIMAMBU**» itegegetswe gutangaza iki cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, kuwa 30/03/2015

(sé)

MUGABO Damien

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative

**ICYEMEZO N°RCA/0289/2015 CYO KUWA 24/03/2015 GIHA
UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE «TURENGERUBUZIMA
KIZIBERE» (KTK)**

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **KTK**» ifite icyicaro i Kizibere, Umurenge wa Mbuye, Akarere ka Ruhango, Intara y'Amajyepfo,

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative «**KTK**» ifite icyicaro i Kizibere, Umurenge wa Mbuye, Akarere ka Ruhango, Intara y'Amajyepfo, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative «**KTK**» igamije gutanga serivisi z'ubujyanama bw'ubuzima no guteza imbere ubworozi bw'ingurube. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi ihereye ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Koperative «**KTK**» itegetswe gutangaza iki cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, kuwa 24/03/2015

(sé)

MUGABO Damien

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative

ICYEMEZO N°RCA/1113/2014 CYO KUWA 24/12/2014 GIHA UBUZIMAGATOZI «COOPERATIVE'S UNION OF FRUITS FARMERS IN KAYONZA AND KIREHE» (CUFFKAKI)

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezidante w'Ihuriro « **CUFFKAKI**» rifite icyicaro i Nyamirango, Umurenge wa Gatore, Akarere ka Kirehe, Intara y'Iburasirazuba;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Ihuriro «**CUFFKAKI**» rifite icyicaro i Nyamirango, Umurenge wa Gatore, Akarere ka Kirehe, Intara y'Iburasirazuba, rihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Ihuriro «**CUFFKAKI**» rigamije guteza imbere ubuhinzi bw'imbutu no kurengera inyungu z'abanyamuryango b'Amakoperative arigize. Ntiriyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi rihereye ubuzimagatozi keretse ribanje kubisaba rikanabihereza uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Ihuriro «**CUFFKAKI**» itegezwe gutangaza iki cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) rikimara kugihabwa.

Kigali, kuwa 24/12/2014

(sé)

MUGABO Damien

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative